# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-11 | TARIKI 29 Mata- 05 Gicurasi 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



AMAKURU

RIB iraburira abakoresha imbuga nkoranyambaga batarengera uburenganzira bw'abana




4

AMAKURU

Gabon: Perezida Nguema yarahiye anizeza guteza imbere umutungo kamere



9

MU NTARA


Kamonyi: Abaturage banenga bamwe muri bagenzi babo bacuza abakoze impanuka



14

IMYIDAGADURO

Umuramyi Vestine yatangaje itariki y'ubukwe bwe




22


Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31

# Intumwa y'u Bwongereza itegerejwe mu Rwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Intumwa yihariye y'Ubwami bw'u Bwongereza (UK) mu Karere k'Ibiyaga Bigari Tiffany Sadler, ategerejwe i Kigali mu Rwanda mu ntangiriro z'iki cyumweru gitangira tariki 5 Gicurasi, aho yitezweho kugirana ibiganiro n'abayobozi ku makimbirane akomeje mu Karere k'Ibiyaga Bigari.***

Biteganyijwe kandi ko Tiffany Sadler azanagaragaza umusanzu wa Guverinoma y'u Bwongereza mu kurushaho guharanira ko umutekano usesuye wakongera kuboneka mu Karere k'Ibiyaga Bigari, ari na wo nzira y'uburumbuke.


KOMEZA KU RUP.3





**Biteganyijwe ko intumwa yihariye y'Ubwami bw'u Bwongereza (UK) mu Karere k'Ibiyaga Bigari Tiffany Sadler izasura u Rwanda mu ntangiriro z'iki cyumweru**



## Kwibuka31: RGB yasabye abayobozi n'abanyapolitiki gufatanya kurwanya Jenoside


INKURU KU URUP.2




**Perezida wa CNF Nyiramajyambere Berancille yifatanyije n'abandi mu mugoroba wo kwibuka abana n'abagore biciwe mu Ibambiro**

## Kwibuka 31: Abagore basabwe kubaka umuryango wuje ituze n'ubumwe

**MUTETERAZINA Shifah**

***Mu Kwibuka ku nshuro ya 31 abagore n'abana bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF), bwasabye abagore guharanira kubaka umuryango urangwa n'ituze bagatoza abana ubumwe.***


KOMEZA KU RUP.3


**SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI**

# Kwibuka31: RGB yasabye abayobozi n'abanyapolitiki gufatanya kurwanya Jenoside

ZIGAMA Theoneste

***Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rwagaragaje ko abayobozi n'Abanyapolitiki mu nzego zitandukanye bakwiye guharanira kwimakaza ubumwe nka gahunda u Rwanda rwiyemeje hagamijwe gukumira ko Jenoside yakongera kuba ukundi.***

Byagarutsweho ubwo abakozi b'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) ku bufatanye n'abagize Ihuriro ry'Imiryango Nyarwanda Itari iya Leta (RCSP), Ihuriro ry'Imiryango Mpuzamahanga ikorera mu Rwanda (NINGOs), Ihuriro ry'Igihugu ry'Amadini n'Amatorero (RIC), hamwe n'Ishimi ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku iterambere (UNDP Rwanda), bahuriraga mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni igikorwa cyabaye ku wa Gatanu tariki ya 2 Gicurasi



Bunamiye inzirakarengane zishyinguye ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kigali

2025, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi, aho abo bakozi batambagijwe mu bice bigize urwibutso basobanurirwa ubukana bwa Jenoside, bakaba banashyize indabo ku mva ndetse bunamira inzirakarengane zihashyinguye zisaga ibihumbi 250.

Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RGB, Dr Usengumukiza Felicien yasabye abayobozi n'abandi banyapolitiki mu nzego zitandukanye haba mu Rwanda no hanze, gukomeza kwimakaza ubumwe nka gahunda y'Igihugu, hagamijwe ko Jenoside itazongera kuba.

Yagize ati: "Ibyo dukangurira abanyapolitiki n'abandi bari mu miyoborere ni ukwimakaza amahoro, ubumwe n'imiyoborere iha agaciro buri Munyarwanda, dushishikariza buri muntu wese ukorera muri iki gihugu kumva ko ari yo mahitamo igihugu cyacu cyahisemo."

Abayobora amadini n'amatorero bavuze ko kuba hari bamwe muri bagenzi babo, bijanditse muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, nyamara bari bitezweho kwigisha ubuvandimwe, umuryango w'Imana, ari igisebo, bityo bakaba bariyemeje guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside aho iva ikagera.

Mufti w'u Rwanda, Sheikh Sindayigaya Mussa yagaraje ko kwibuka bibaha umukoro wo guhangana n'ingebitekerezo ya Jenoside ikomeje no gukwirakwira mu Karere u Rwanda ruhereyemo.

Yagize ati: "Biduha umukoro wo gukomeza kwigisha abakiri bato, urubyiruko, kubigisha amateka igihugu cyacu cyanyuzemo, uburyo ingengabitekerezo yigishijwe n'uburyo yakwirakwijwe, kugira ngo tugendane n'imiyoborere y'igihugu cyacu ihuza Abanyarwanda."

Yunzemo ati: "Natwe mu banyamadini tugakomeza kwigisha indangagaciro zacu z'Abanyarwanda, kuzirikana intege nkeya twagize, hanyuma ntitwongere kugwa muri urwo rwobo, aho tukavuga ngo hariya twarahize tuti ntibizongera ukundi".

Murangira Theoneste, uhagarariye imiryango itari iya Leta, yavuze ko kuba Jenoside yarashobotse ari ikimwaro ku batuye Isi yose.

Yashimangiye ko imiryango itari iya Leta ikomeje gushyigikira ibikorwa byose bigamije kubaka igihugu cyasenywe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Igikorwa nka Jenoside gisiga sosiyete yose ihungabanye, hari byinshi bigomba gukorwa mu gusana imitima kugira ngo abantu bongere babane, n'iyo mutahuza ibitekerezo ntibivuga ko mugomba gutemana.

Tukigisha ko hagomba kubaho ubutabera nyabwo, dukumira, tunahangana n'abafite imvugo z'urwango, n'abahakana Jenoside bongereye umurego muri iyi minsi, icyo bagambiriye ni ugukomeza umugambi wa Jenoside duharanira ko ibyo bintu bitazashoboka."

# Perezida Kagame yaganiriye na McCormick ku mahirwe ari mu bucukuzi bw'amabuye

KAMALIZA Agnes


***Perezida Paul Kagame yakiriye mu biro bye Shawn McCormick, Umuyobozi wa sosiyete ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu Rwanda, 'Trinity Metals Group', baganira ku ishoramari n'ubufatanye mu mahirwe aboneka mu Gihugu by'umwihariko mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro.***

Shawn n'itsinda rye bakiriwe mu biro by'Umukuru w'Igihugu ku wa Gatatu baganira ku kunoza ubufatanye no kububyaza umusaruro.

U Rwanda rurakataje mu kunoza no guteza imbere ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro aho yinjije miliyari 1.7 z'amadolari ya Amerika mu mwaka wa 2024, mu gihe mu 2017 yari yinjije miliyoni 373 z'amadolari ya Amerika.

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Mine, Peteroli na Gaze (RMB) ruherutse kubwira itangazamakuru ko kongerera agaciro amabuye y'agaciro no kuyohereza ku isoko mpuzamahanga bizarwinjiriza miliyari 1.3 z'amadorali ya Amerika mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/2025.

Ni mu gihe buri gihembwe amabuye y'agaciro azajya yinj-



Perezida Paul Kagame na McCormick baganiriye ku ishoramari ry'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

iriza u Rwanda miliyoni 325 z'amadolari ya Amerika.

Kuva mu 2021 kugeza 2024, Ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse ku mpuzandengo ya 9.1 %, aho imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) igaragaza ko umusaruro w'inganda mu kwezi k'Ukuboza 2024 wiyongereyeho 5,7% ugereranyije n'uwari wabonetse mu Kuboza 2023.

Mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro umusaruro ukaba wariyongereyeho 2,5% mu Ukuboza 2024.

Mu Rwanda haboneka amabuye y'agaciro atandukanye arimo; zahabu, Coltan, Wolfram, Gasegereti n'ayandi.

Aho ku mabuye ya Gasegereti, Coltan na Wolfram nibura u Rwanda rucukura toni ziri hagati ya 8000- 10 000 buri mwaka.

Ubushakashatsi mu bice bimwe bicukurwa bwatangiye mu 1930, gusa ubucukuzi bweruye butangira mu 1949.





# Intumwa y'u Bwongereza itegerejwe mu Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Uru ni uruzinduko rwa kabiri Madamu Tiffany Sadler akoreye mu Rwanda kuva yahabwa inshingano muri Nzeri 2024, akaba aje i Kigali nyuma yo kugera i Kampala muri Uganda n'i Kinshaka muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Madamu Tiffany Sadler yagaragaje ko yishimiye kugaruka mu Rwanda muri ibi bihe. Ati: "Nejejwe no kugaruka mu Rwanda muri ibi bihe by'ingenzi kandi by'agaciro. Amasezerano y'ibanze yasinywe hagati ya RDC n'u Rwanda i Washington, hamwe n'itangazo rihuriweho hagati ya RDC na M23 nyuma yo guhurira i Doha muri Qatar byose ni amakuru meza."

Yavuze kandi ko muri urwo ruzinduko azahura n'abayobozi batandukanye mu nzego za Guverinoma, abakuriye Sosiyete Sivile, abacuruzi ndetse n'icyo u Bwongereza bushobora gukora mu gushyigikira iyo ntambwe nziza.

Yakomeje agira ati: "Umutekano n'uburumbuke bizayobora inyungu nyinshi kuri bose. Akarere gakwiye kubaho mu mahoro."

Biteganyijwe ko Intumwa ya UK muri aka Karere izanasura ibikorwa bishingiye ku bufatanye bw'igihe kirekire bw'u Rwanda n'u Bwongereza mu burezi, aho azasura rimwe mu mashuri batera inkuga mu Ntara y'Amajyaruguru.

Nk'uko asuye u Rwanda muri ibi bihe byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, biteganyijwe ko azafata umwanya wo gusura no gutega amatwi abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi.

Nyuma y'aho, Madamu Tiffany Sadler azasura umushinga w'amashanyarazi aturuka ku rugomero rwa Rusizi III aho azaba aherekejwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Dr. Jimmy Gasore.

Urugomero rwa Rusizi III rutanga Megawatt 147, hakaba harimo Megawatt 47 zihabwa u Rwanda, usigaye ugasaranganywa hagati ya RDC n'u Burundi.

Gusura urwo rugomero bishimangira ukwiyemeza k'u Bwongereza gukomeje mu gushyigikira uwo mushinga uhuriweho n'u Rwanda, u Burundi na RDC, witezweho kongera ingano y'ingufu z'amashanyarazi mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

# Kwibuka 31: Abagore basabwe kubaka umuryango wuje ituze n'ubumwe

IBIKURIKIRA URUP.1

Mu gikorwa cy'umugoroba wo kwibuka abana n'abagore bazize Jenoside yakorewe Abatutsi biciwe mu Ibambiro mu Karere ka Nyanza, cyabaye tariki 03 Gicurasi 2025, hagaragajwe uburyo abagore n'abana bishwe nabi nyuma yo kwizezwa kurindwa.

Bivugwa ko abicanyi basabye abana, abagore n'abakobwa guhungira ku rusengero rwa ADEPR rwo mu Ibambiro, bababeshya kubarinda nyamara barashakaga ko bahagera bose kugira ngo babice.

Perezida wa CNF Nyiramajyambere Berancille, wifatanyije n'abatuye muri ako gace mu mugoroba wo Kwibuka abana n'abagore biciwe mu Ibambiro, yasabye abagore guharanira kubaka imiryango irangwa n'ituze.

Yagize ati: "Ndasaba ba mutima w'urugo ngo dukomeze twubahe umuryango, duharanire twese kubaka umuryango urangwa n'ituze, ubwubahane n'ubufatanye, dutange uburere bukwiye ku bana. Tuzirikane aho twavuye, aho turi, n'aho



Umugoroba wo kwibuka wabanjirijwe no gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Kibirizi hanashyirwaho indabo mu rwego rwo kubasubiza agaciro bambuwe

tugana, indangagaciro nyarwanda tuzibarage."

Madamu Nyiramajyambere asaba Abanyarwanda guhora bazirikana ubukana bwa Jenoside yakorewe Abatutsi kugira ngo hato batazasubira mu mateka mabi ashariiye Igihugu cyanyuzemo.

Agaruka ku rubyiruko, yabasabye kwirinda kumva abagoreka amateka, bagakoresha neza imbuga nkoranyambaga.

Ati: "Bana bacu, rubyiruko mizero y'Igihugu, turabasaba kwirinda ababwira amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi bayagoreka kubera inyungu zabo bagamije kuyipfobya. Mushishoze, musesengure, ntimukamire ibije byose. Ikoranabuhanga murikoreshe mu kwiyungura ubumenyi, ntimuhugire mu bibangiza, ahubwo muzakomereze aho abacyunamuye bagejeje."

Madamu Nyiramajyambere yanashimiye abari bagize Ingabo za RPA ku butwari n'ubwitange bagize bwo kubohora Igihugu.

Abagore by'umwihariko abari bitabiriye uwo mugoroba wo kwibuka abana n'abagore, basanga kuba ari ba mutima w'urugo bafite inshingano zo kwita ku miryango yabo.

Mukantabana Florence yabwiye Imvaho Nshya ko biyemeje gutoza abana indangagaciro na kirazira mu rwego rwo kubategurira kwanga umugayo bagaharanira ukuri, banirinda amacakubiri.

Ati: "Kuba turi ababyeyi kandi barerera Igihugu, ni ngombwa ko imiryango yacu irangwa n'ituze, kandi abayikomokamo bakaba Abanyarwanda bazira umwiryane. Nta bandi bo kubikora no kubitoza abana bacu uretse twe nk'ababyeyi babo babana na bo mu buzima bwabo bwa buri munsi."

Muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu Karere ka Nyanza mu Murenge wa Kibirizi mu Ibambiro, hiciwe abagore n'abana 454.

# RIB iraburira abakoresha imbuga nkoranyambaga batarengera uburenganzira bw'abana

KAYITARE Jean Paul

*Hari abakomeje gutabaza Urwego rw'Ubugenzacyaha, RIB, biturutse ku migirire idakwiye ikoreshwa abana ku mbuga nkoranyambaga. Umuvugizi wa RIB, Dr Thierry B. Murangira yavuze ko kunyuranya n'amategeko arengera abana bihanwa n'amategeko.*

Umuvugizi w'Urwego rw'Ubugenzacyaha, Dr Murangira, abinyujije ku rubuga rwe rwa X rwahoze ari Twitter, yavuze ko hari igikwiye kigiye gukorwa ku kurengera abana.

Yagize ati: "Hagiye gukorwa igikwiye. Tuboneyeho akanya ko kongera kwibutsa abakoresha imbuga nkoranyambaga kubaha no kurinda uburenganzira bw'abana mu byo bakora byose. Kunyuranya nabyo, bihanwa n'amategeko arengera abana. Umwana niyubahwe!"

Urwego rw'Ubugenzacyaha rwavuze ibi nyuma yaho Emma Marie Umurerwa, Umunyamakuru ukora inkuru zivugira abana, abari n'abategarugori, atabaje inzego zishinzwe kurengera abana ndetse anibaza niba ababyeyi bakomeza kurebera ibibera ku mbuga nkoranyambaga bihutaza uburenganzira bw'abana.

Umurerwa yabwiye Imvaho Nshya ko ngo bibabaje kubona ku mbuga nkoranyambaga umwana muto akoreshwa mu gusobanura uko yabonye se asambanya mukuru we.

Yagize ati: "Ni umwana mutoya cyane uvuga ukuntu yafashe se ari gusambanya mukuru we. Akana nyine gatoya kakabivuga noneho n'uwo wahohotewe (Victime) na we ari ahongaho ari kugaragara n'amasura yabo bagaragara. Nyiri iyo chanel (Youtuber) akajya aseka nyine,... sha ni ibintu bibabaje."

Peace Hillary uri mu babajwe n'uburyo uburenganzira bw'umwana bwahungabanyijwe n'abakoresha imbuga nkoranyambaga, yavuze ko bikwiye ko uburenganzira bw'umwana bwubahwa nk'ubw'abandi.

Ati: "Biteye isoni n'agahinda. Abo bakoresha ama chanels bakwiye kubaha uburenganzira bwa muntu nk'abandi. Keretse niba bo amategeko akomoka ku masezerano mpuzamahanga by'umwihariko ayo u Rwanda rwashyizeho umukono atabareba!"

Evariste Murwanashyaka, Umuhuzabikorwa w'Impuzamiryango Iharanira Uburenganzira bwa Muntu (CLADHO), yibukije ko imiryango iharanira uburenganzira bw'umwana igihari kandi ko igiye gukurikirana iki kibazo ku ruhande rw'uburenganzira bw'umwana.

Ikiganiro cyatunzwe agatoki kimaze imyaka itatu kigaragara ku muyoboro wa Youtube, cyahise gisibwa kuri uyu wa Gatatu tariki 30 Mata 2025. Amasezerano yo mu 1989 yerekeye uburenganzira bw'umwana (CRC) asobanura ko umwana ari umuntu uwo ari we wese uri munsi y'imyaka cumi n'umunani, keretse iyo amategeko akurikizwa ku mwana.

Umuryango w'Abibumbye wemeje Itangazo ry'i Geneve ry'uburenganzira bw'umwana (1924), aho rigaragaza ko mu burenganzira bw'umwana harimo n'ubwo gukingirwa gukoreshwa.

Ni mu gihe Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku burenganzira bwa muntu (1948) mu ngingo ya 25 (2), ryo ryemeje ko umwana akeneye kurengerwa no gufashwa bidasanzwe.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo yaryo ya 19 ivuga ko umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi Banyarwanda na Leta bitewe n'ikigero n'imibereho arimo nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda ndetse n'amategeko mpuzamahanga.



**Abakoresha imbuga nkoranyambaga basabwa kwigengesera bakirinda kuzikoresha mu makosa**


**Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo yagaragaje ko u Rwanda rwakiriye abo bantu mu cyumweru gishize kandi rufite amakuru ko hari n'abandi**

# U Rwanda rwagaruye abantu 10 bari bagiye gucuruzwa muri Myanmar

ZIGAMA Theoneste

*Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko mu cyumweru gishije yabashije gucyura mu gihugu abantu 10 bari bagiye gucuruzwa mu gihugu cya Myanmar cyo ku Mugabane wa Asia.*

Abinyujije ku mbuga nkorambaga ze kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 3 Gicurasi 2025, Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo yagaragaje ko u Rwanda rwakiriye abo bantu mu cyumweru gishize kandi rufite amakuru ko hari n'abandi basigayeyo.

Yagize ati: "Guverinoma ku bufatanye n'Umuryango Mpuzamahanga wita ku bimukira (IOM), mu cyumweru gishize yacyuye mu gihugu abantu 10 bari baragizwe abacakara b'icuruzwa ry'abantu bari muri Myanmar."

Yongeyeho ati: "Turabizi neza ko hari abandi 5 bagihari, kandi turakomeje gukora ibishoboka byose ngo na bo babashe kugaruka mu gihugu."

Hari amakuru avuga ko hari Abanyarwanda benshi bajyanywe mu bihugu byo mu majyepfo y'u Burasirazuba bwa Aziya birimo Myanmar na Laos, bakomeje gusaba ko Leta y'u Rwanda yabafasha gutaha iwabo.

Aba baturage bavuga ko bajyanywe n'abantu babizezaga akazi keza kandi gahemba neza muri ibyo bihugu, nyamara bagezeyo basanga barashutswe n'abacuruzi b'abantu. Barasaba ubufasha bwihuse kugira ngo babashe gusubira mu Rwanda amahoro.

Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha, RIB, rwagaragaje ko abantu 297 bahuye n'ibikorwa byo gucuruzwa mu myaka itanu ishize, abagore akaba ari bo bibasiwe cyane ku kigero cya 75% mu gihe abagabo bari ku kigero cya 25%.

Hagati ya 2019-2024 imibare igaragaza ko abantu 297 bacurujwe.

Mu mwaka wa 2019-2020 abacurujwe bari abantu 91, hagati ya 2020-2021 hacuruzwa abantu 61, mu 2021-2022 abagizweho ingaruka zo gucuruzwa ni 41.





# UAE na Somalia byanyuzwe n'amasezerano y'u Rwanda na RDC

NTAWITONDA Jean Claude

*Amahanga akomeje kunyurwa n'intambwe yatewe na Guverinoma y'u Rwanda ndetse n'iya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) yo gusinyana amasezerano y'ibanze abonwa nk'umuyoboro wo kuzahura umubano no gushakira hamwe igisubizo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Congo.*

Amahanga akomeje kugaragaza uburyo yishimiye kuba ibihugu byombi byageze ku kwiyemeza gutangiza gahunda itanga icyizere cy'amahoro n'umutekano mu Karere n'ubutwererane buzira amakemwa.

Mu bihugu byishimiye iyo ntambwe harimo Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE) na Repubulika ya Somalia bishimangira urugendo rw'amahoro n'umutekano mu Karere no ku Mugabane w'Afurika.

Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu Sheikh Shakhboot bin Nahyan Al Nahyan, yashimye imbaraga Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) zashyize mu koroshya isinywa ry'amasezerano y'ibanze agena amahame ngenderwaho mu rugendo rwo kuzahura umubano w'ibihugu byombi.

Yanashimye kandi uruhare rwa Qatar mu kwakira ibiganiro by'i Doha, ndetse n'umusanzu w'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) n'Imiryango yo mu Karere mu gukurikirana ibiganiro bya Luanda na Nairobi byahurijwe hamwe.

Sheikh Shakhboot bin Nahyan Al Nahyan yashimye kandi ubufatanye bw'Umuryango Mpuzamahanga mu guharanira ko ayo masezerano ashyirwaho umukono, bikaba bishimangira akamaro k'ubufatanye mu gushakira hamwe ibibazo by'Akarere, no gukemura amakimbirane binyuze mu nzira za dipolomasi.



**Amahanga ashima amasezerano y'ibanze yasinywe hagati y'u Rwanda na RDC agamije kuzahura umubano**

Sheikh Shakhboot bin Nahyan yashimangiye ko umubano mwiza hagati y'ibyo bihugu byombi ushimangira ubufatanye bwa UAE na Afurika, bityo icyo gihugu kikaba cyiyemeje gukomeza gushyigikira gahunda nk'izi ziharanira umutekano n'uburumbuke ku mugabane.

Ku rundi ruhande, Guverinoma ya Somalia yakiriye neza iyo ntambwe ibona nk'iy'agaciro gakomeye kuko igaragaza intangiriro y'ikiragano gishya kiganisha ku mahoro arambye, umutekano n'iterambere ry'ubutwererane buhamye mu bihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane muri Somalia yatangaje ko banyuzwe n'ukwiyemeza kw'ibihugu byombi mu kwimakaza ibiganiro na dipolomasi.

Itangazo ryashyizwe hanze riragira riti: "Guverinoma ya Somalia yakiranye yombi amasezerano y'ibanze y'amateka yasinywe hagati ya RDC n'u Rwanda, babifashijwemo na USA. Iyi ntambwe y'ingenzi ishimangira intambwe yubaka iganisha ku mutekano n'amahoro by'Akarere ndetse no kongerera imbaraga ubutwererane bw'Akarere k'Ibiyaga Bigari."

Somalia yashimangiye ko kwimakaza amahoro hagati y'u Rwanda na RDC bidatanga inyungu ku bihugu byombi gusa ahubwo binatanga umusaruro ufatika ku mutekano, iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'amamiliyoni y'abaturage bo mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Guverinoma ya Somalia yaboneyeho gushimangira ko itazatezuka ku gushyigikira ibiteganywa n'amasezerano mpuzamahanga ndetse n'amahame remezo y'Umuryango wa Afurina Yunze Ubumwe, ari na byo bishimangira kubaha ubusugire bw'ibihugu, gukemura ibibazo mu mahoro, ndetse no kubahana mu bihugu.

Guverinoma yakomeje igira iti: "Turashimangira ko gahunda iyobowe neza ishingiye ku kwiyemeza kw'Akarere ari ingenzi mu kugera ku mahoro n'iterambere birambye muri RDC no mu Karere k'Ibiyaga Bigari."

Ibihugu nka Somalia na UAE kuba bishyigikiye isinywa ry'ayo masezerano y'ibanze bishimangira uburyo amahanga akomeje kugaragaza ubushake mu guharanira ko Akarere k'Ibiyaga Bigari kabona amahoro n'umutekano mu buryo burambye.

Minisitiri n'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yavuze ko isinywa ry'ayo masezerano ryanabaye intandaro yo kwiyemeza gushyiraho uburyo bwo guhangana n'imitwe yitwaje intwaro iva mu mahanga n'andi matsinda ateza impungenge z'umutekano ku bihugu byasinye amasezerano.

Ibihugu byombi byiyemeje gutangiza no kwagura ubutwererane mu iterambere bihuriyeho nko guteza imbere gahunda z'amashanyarazi, Imicungire ya Pariki z'Ibihugu, gukura imbogamizi mu ruhererekane rw'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro, kubyaza umusaruro ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no kunoza inzira z'ubucuruzi bwayo zihuza ibihugu byombi ku bufatanye bwa USA n'abashoramari bo muri Amerika.



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Nduhungirehe Olivier yasobanuye ko gutaha kw'ingabo za SADC ari ikimenyetso cy'inzira y'amahoro

# Gutaha kw'ingabo za SADC ni ugushyigikira inzira y'amahoro - Minisitiri Nduhungirehe

**KAYITARE Jean Paul**

***Nyuma yaho ingabo z'Umuryango wa Afurika y'Amajyepfo, SADC, zari mu butumwa muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo zitahiye ku munsi w'ejo ku wa Kabiri tariki 29 Mata 2025, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Ambasaderi Olivier Nduhungirehe, yatangaje ko iyi ari intambwe nziza iganisha ku gushyigikira inzira y'amahoro.***

Ubutumwa yanyujije ku rubuga rwe rwa X rwahoze ari Twitter, Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda rwatanze inzira ndetse runashyiraho uburyo bwo guherekeza ingabo za SAMIDRC n'ibikoresho byazo ubwo zerekezaga muri Tanzania.

Yavuze ibi mu gihe ingabo za SADC zatangiye kuva mu bice bitandukanye byo mu Burasirazuba bwa Congo, nyuma yo gutsindwa n'Ihuriro AFC/M23 mu rugamba izo ngabo zari zifatanyijemo n'ingabo za Leta ya Congo, FDLR, Wazalendo, ingabo z'u Burundi n'indi mitwe yitwaje intwaro iba muri Congo.

Minisitiri Nduhungirehe yagize ati: "Kuba ingabo za SAMIDRC zari zigihari byari impamvu irushaho gukomeza amakimbirane, kuba uyu munsi zatangiye gutaha, ni intambwe nziza mu gushyigikira ibiganiro by'amahoro bikomeje."

Ingabo za SADC zatangiye gukorera mu burasirazuba bwa RDC mu Ukuboza 2023. Zafashaga ingabo za RDC kurwanya ihuriro AFC/M23 kugeza mu mpera za Mutarama 2025 ubwo zatsindirwaga mu mujyi wa Sake na Goma.

Ibikorwa byo gutangira gucyura izi ngabo byaratinze bitewe n'uko SADC yashakaga ko zakoresha ikibuga cy'indege mpuzamahanga cya Goma.

Ihuriro AFC/M23 ryasubije ko ibyo bigoye kuko ingabo za RDC zacyangije mbere yo guhunga urugamba rwabereye mu Mujyi wa Goma.

Nyuma yaho imishyikirano na AFC/M23 isaba gukoresha ikibuga cy'indege cya Goma inaniranye, SADC yemeye ko izi ngabo zikoresha inzira yo ku butaka, isaba u Rwanda inzira.

# U Rwanda mu nzira yo gushyiraho ibigega bizigama ibikomoka kuri peretoli litiro miliyoni 334

**NYIRANEZA Judith**




U Rwanda ruteganya kongera ibigega bibika ibikomoka kuri peteroli

***U Rwanda rurateganya kugira ibigega byo kuzigama ibikomoka kuri peteroli bifite ubushobozi bwo kuzigama nibura litiro miliyoni 334 zishobora gukoreshwa mu gihe cy'amezi arenga 4 bivuye kuri miliyoni 66,4 rufite uyu munsi.***

Byagarutsweho ubwo Inteko Ishinga Amategeko yemezaga itegeko rishyiraho amahoro kuri lisansi na mazutu agenewe gushyiraho ibigega bizigama ibikomoka kuri peteroli.

Itegeko rishyiraho amahoro kuri lisansi, mazutu n'ibinyabiziga agenewe gusana imihanda mu rwego rwo kwishakamo ibisubizo hagamijwe kongera ingengo y'imari ya Leta izafasha gushyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere icyiciro cya 2 (NST2).

Umushinga w'itegeko wateguwe kandi hashingiwe ko umubare w'ibinyabiziga wagiye wiyongera mu gihugu, bityo hakaba hakenewe ko nk'igihugu kishakamo ubushobozi bwo gufasha Ikigega cyo gusana imihanda ngio kibashe gukomeza kugitra ubushobozi.

Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Imari muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Godfrey Kabera kandi yasobanuye ko kuva mu 2016, igipimo cy'amahoro agamije gusana imihanda cyagumye ku mafaranga y'u Rwanda 115 kuri litiro, ariko icyo giciro kikaba kitakijyanye n'ikiguzi cy'ibikenerwa gusanwa mu mihanda, akaba ari yo mpamvu umushinga w'itegeko hateganyijwe kuvugurura igipimo cy'amahoro yakwa kuri lisansi na mazutu agenewe gusana imihanda.

Bityo kikava ku 115 Frw kuri litiro, kigashyirwa ku gipimo cya 15% by'agaciro ka lisansi cyangwa mazutu muri gasutamo habariwemo kandi igiciro cy'ubwishingizi n'ubwikorezi bwabyo.

Bimwe mu bigize umushinga w'itegeko, ugena igipimo cy'amahoro yakwa kuri lisansi cyangwa mazutu kiri kuri 15% by'agiciro ka lisansi cyangwa mazutu habariwemo igiciro cy'ubwishingizi ndetse n'icy'ubwikorezi.

Umushunga w'itegeko ugena agaciro fatizo k'amahoro acibwa ibinyabiziga hakurikijwe ubwoko bwabyo.

Uteganya ko amahoro yakwa kuri lisansi na mazutu yakirwa kuri Gasutamo hakurikijwe itegeko rya gasutamo, naho amahoro yakwa ku binyabiziga amenyekanishwa kandi akishyurwa ku buyobozi bw'imisoro bitarenze

bitarenze 31Ukuboza kwa buri mwaka agashyirwa kuri konti ishamikiye kurikonti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta.

Uwo mushinga uteganya ko ibinyabiziga bisonewe amahoro agenewe gusana imihanda, ni ibya Leta y'u Rwanda, ibya Ambasade n'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda n'iby'Imiryango mpuzamahanga bafitanye amasezerano na Repubulika y'u Rwanda.

Umushinga w'itegeko rishyiraho amahoro yakwa kuri lisansi, mazutu n'ibinyabiziga agenewe gusana imihanda ufite ingingo 8, muri zo harimo izigomba kunozwa mu ireme no mu myandikire hagamijwe gutegura itegeko rinoze kandi hubahirizwa ibiteganywa mu mirongo ngenderwaho y'imyandikire y'amategeko.

Kuri ubu kandi umuntu wubatse ikigega cy'ibikomoka kuri peteroli mu Rwanda abona 8 Frw kuri litiro imwe, ariko Leta ivuga ko ishaka kuyongera akaba hagati ya 12 Frw na 14 Frw kugira ngo umuntu ufite gahunda yo gushora imari mu kongera ububiko bwa peteroli na we abonemo inyungu.

Mu Rwanda hari ibigega bya Leta n'iby'abikorera birimo ibiri i Jabana bya Sosiyete yitwa OilCom, ibya SP biri i Rusororo, ibya Leta biri mu Gatsata, Rwabuye na Bigogwe hamwe n'ibya ERP biri Kabuye. Ibibika amavuta y'indege biri i Kanombe ku Kibuga cy'indege n'i Rusororo.

Inteko yemeje uwo mushinga w'itegeko ku mahoro kuri lisansi na mazutu agenewe gushyiraho ibigega bizigama ibikomoka kuri peteroli.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Mu muryango ni ho hatanga icyerekezo cy'ubuzima*

*Icyerekezo cy'ubuzima, umwana agikura ku bamukuriye bamurera, baba ababyeyi be, abandi bamurera n'umuryango mugari muri rusange.*

*Umuryango wubatse byinshi kuko ari ryo shuri ry'ingenzi ry'indangagaciro zirimo kubaha, kuvugisha ukuri, kumva ububabare bw'abandi no kwishyira mu mwanya wabo, gushima, gufata inshingano, ubugwaneza, impuhwe, kubabarira, kwihangana no kwihanganirana, gukora cyane, uburere, urukundo no kwita ku bandi.*

*Abana bavukira mu miryango ifata inshingano zo kurera neza, bakura bazi gutandukanya indyo n'imoso, ari na yo mpamvu ubuhanga bw'abana bayivukamo bugira itandukaniro rikomeye.*

*Ariko muri iyi minsi y'iterambere, hari abana benshi bimwe uburere n'ababyeyi babo, bakaba bubatswe n'ubumenyi barahura ku ikoranabuhanga, mu rungano n'ahandi hatari mu miryango.*

*Ku ruhande rumwe, umwana utagira umuryango cyangwa utarabonye amahirwe yo kuwubamo, aba abuze amahirwe yo kubona aho yigira izo ndangagaciro zimufasha kugenda mu buzima afite impamba y'ubuzima imufasha gutera imbere.*

*Ese abagize amahirwe yo gukurira mu muryango bose ni ko bunguka ubumenyi? Birumvikana ko atari ko kuri kuko hari abana benshi bananirana cyangwa bakura ari indakoreka nyamara barakuriye mu miryango yakoze ibishoboka byose ngo bakure batekanye kandi bafite uburere.*

*Nubwo buri mwana wese yivukira, ntawakwirengagiza imbaraga z'uburere buhabwa umwana kuva akiri muto, kuko ibyago byo kwangirika bigabanyuka cyane ugereranyije n'abana batabuhabwa.*

*Mu gihe u Rwanda rwishimira intambwe y'iterambere imaze guterwa mu myaka 31 ishize hahagaritswe Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, uyu musaruro ukwiye no kureberwa ku ruhare imiryango igira mu kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge, urukundo n'ubudaheranwa.*

*Ababyeyi bafite uruhare runini mu kuyobora icyerekezo cy'abana babo babafasha kwimakaza indangagaciro zibafasha kunga ubumwe, bakamenya Igihugu cyabo n'uko bakwiye kugisigasira nk'ingobyi ibahetse itaguranwa amagana.*

*Mu muryango ni ho abana bamenyera ko hanze haba inkuru zitandukanye, izigamije kububaka n'izibasenya, bikaba akarusho iyo bazimenyeye ku babyeyi cyangwa abanda babarera kuko babiha agaciro kurusha uko babyumvira mu rungano, ku mbuga nkoranyambaga n'ahandi.*

*Mu gihe cyose, ababyeyi cyangwa abarera bana bakwiye kuzirikana ko ahazaza h'Igihugu hari mu biganza byabo, ko inshingano zabo zo kurera ziba umusingi wo kubaka Igihugu. Iyo batubahirije iyo nshingano y'agaciro baba bashyira Isi yose mu kangaratete kubera ko ntawugerwaho n'ingaruka z'imyitwarire ye mibi ari wenyine.*

*Uko umuntu akura ni ko Isi igenda yongerera umutwaro w'inshingano zikunda kugorana iyo zihuye n'ingorane z'ubuzima ku muntu utarigishijwe imyitwarire imufasha gushyira mu bikorwa indangagaciro yahawe nk'ikarita y'ubuzima imuyobora ahacuze umwijima.*

# Guhuza amahuriro y'urubyiruko arwanya Jenoside bizarufasha kwiga amateka nyayo- IBUKA

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuryango Uharanira Inyungu z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, (IBUKA) watangaje ko wifuza ko amahuriro y'urubyiruko arwanya Jenoside, akorera mu mashuri ya Kaminuza n'ayisumbuye (Clubs), imikorere yayo yanozwa kuko hari aho usanga amwe afasha urubyiruko kwibona mu moko.***

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa IBUKA, Ahishakiye Naphtal yagaragaje ko ibyiza izi Clubs z'urubyiruko zagirwa imwe, zikigishirizwamo urubyiruko amateka nyayo ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kandi zigakurikiranirwa bya hafi n'inzego zibishinzwe.

Yagize ati: "Hakwiye kunozwa imikorere ya za Club zigishwa mu mashuri byaba byiza zigasimbuzwa imwe, abanyeshuri bose bibonamo bahuriyeho, kuko ubungubu hari aho izo club zifasha abana kwibona mu moko, bitandukanye n'icyo abazishinze bari bagamije."

Yongeyeho ati: "Twagiye dukora amavugurura dukura AERG mu mashuri ariko ubu ugiye kuyarebamo, aho izindi club zasigayemo zikora, usanga biba byarabaye nk'iturufu yo kugira ngo abana bibone mu ndorerwamo y'amoko."

Nkuko Ahishakiye Naphtal aheruka kubiganiriza Abadepite bagize Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no Kurwanya Jenoside, ngo hafashwe Club imwe, abantu bose bibonamo, igahabwa umurongo uhamye, ikitabwaho yatanga umusaruro mwiza.

Yumvikanishije ko kandi ayo matsinda akora mu gisa n'akajagari.

Ati: "Icyo tubona cyafasha, ni uko havaho nk'ajagari, kuko mu ishuri ni ahantu hakomeye, ni ho hazaza h'iki Gihugu, hakarebwa icyatanisha umwana, kigakosorwa.

Ni byiza ko izi club zahuzwa, ikaba imwe, ubuyobozi bw'ishuri, ubw'Akarere na Minisiteri y'Uburezi n'izindi nzego bakazikurikirana."

Yavuze ko mu gihe izo Club zizaba zahurijwe hamwe bizafasha abana kwigishwa ibintu byiza, nta n'umwe uhejwe.

Ati: "Abana mu byiciro byose bafashwa gutegura kwibuka, bakicara hamwe bakaganira ku bumwe bw'Abanyarwanda, ku hazaza h'iki Gihugu bakareba n'ibindi bijyanye n'ubudaheranwa."

Ahishakiye yavuze ko nyuma yo gufata AERG igahuzwa na Ibuka, ubu harimo gutegurwa inyigisho zizagenerwa abanyeshuri bose, zitareba ku bakomoka ku barokotse Jenoside gusa, zigamije kubafasha kumenya amateka no kwihatira kubaka igihugu kizira amacakubiri.

Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenoside, Hon Ndangiza Madina, yabwiye itangazamakuru ko igitekerezo cyo guhuriza hamwe izo Club zikigisha amateka nyayo urubyiruko, agishyigikiye kandi ko nk'Abadepite bazakigeza kuri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu kugira ngo zihabwe umurongo uhamye.

Muri Clubs zikiri mu mashuri magingo aya harimo iyitwa PRP, Club y'ubumwe n'ubudaheranwa, Iyitwa Ndi Umunyarwanda n'izindi, bityo kuba ari nyinshi IBUKA igahamya ko bituma zikorera mu kajagari, ntizitange umusaruro zari zitezweho.




Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa IBUKA, Ahishakiye Naphtal yerekanye ko kugira club imwe mu mashuri ari ingenzi mu-kwigisha urubyiruko amateka ya Jenoside

# Abanyeshuri bakoze ibizamini bya PISA biteguye gutera ishema u Rwanda

**MUTETERAZINA Shifah**

***Bamwe mu banyeshuri biga mu ishuri ryisumbuye rya Nu-Vision bakoze Isuzumabumenyi Mpuzamahanga rigenewe abanyeshuri biga mu yisumbuye (PISA) batangaje ko biteguye gutera ishema u Rwanda.***



Abanyeshuri bahamya ko bazaserukira neza u Rwanda mu Isuzumabumenyi Mpuzamahanga ku biga mu yisumbuye (PISA)

Ni isuzuma ritegurwa n'umuryango mpuzamahanga w'ubutwererane mu by'ubukungu n'iterambere (OECD) rigamije gupima ubushobozi bw'abanyeshuri mu mibare, gusoma no mu by'ubumenyi bw'isi by'umwihariko uko bashobora gikoresha ubumenyi mu gukemura ibabazo bifatika bikaba bikorwa n'abanyeshuri batarengeje imyaka 15.

Ni bimwe mu byo batangaje ku wa Mbere tariki ya 28 Mata 2025, ubwo hatangizwaga iryo suzuma ku rwego rw'igihugu rizamara igihe kirenga ukwezi n'ibyumweru bibiri.

Igiraneza Joshua uri mu banyeshuri bakoze iryo suzuma avuga ko uko yabonye ikizamini yasanze cyoroshye agereranyije n'uko yabitekerezaga, kandi atewe ishema no kuba ari mu bagize ayo mahirwe yo kugikora.

Ati: "Nishimiye ko ndi umwe mu batoranyijwe bagakora iri suzuma kandi iki kizamini cyari cyoroshye ngereranyije n'uko nabikekaga niteguye kubitsinda."

Mugenzi we Mugabo Sami uvuga ko iryo suzuma ribafashije kumenya ko bakwiye kurushaho gukora ubushakashatsi kubera ko ibyo babajijwe bidashingiye ku byo biga mu ishuri gusa.

Ati: "Birasaba gutekereza birenze ku bisanzwe kuko bitandukanye n'ibizamini dusanzwe dukora mu ishuri bizadufasha gusoma cyane no gukora ubushakashatsi ku bintu byinshi bitandukanye kugira ngo tumenye ibitandukanye n'ibyo twiga mu ishuri."

Mugabo akomeza avuga ko umunyeshuri ugize amahirwe akemererwa gukora icyo kizamini adakwiye kugira ubwoba ahubwo bakwiye kwigirira icyizere cyane ko baba bagiye guhagararira igihugu ahubwo bakarwana intambara yo kugihesha ishema.

Ati: "Mbere y'uko nkora nari mfite ubwoba ariko utaragikora namubwira ko akwiye kwigirira icyizere kuko ntabwo kiba gikomeye icy'ingenzi ni ukwiringira Imana kandi ukiyizera kuko uba ugiye guhagararira igihugu, twiteguye gutsinda tugahesha ishema u Rwanda."

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Irere Claudette, avuga ko iryo suzuma rigamije kugereranya abana b'imyaka 15 n'ab'ahandi ku Isi kugira ngo bamenye amavugurura akenewe gukorwa muri politiki y'uburezi mu Rwanda.

Ati: "Niturangiza ibi bizamini ibizavamo bazabitwereka bakereka Igihugu aho bitameze neza n'ibikwiye kwitabwaho, ibihugu byinshi byitabiriye PISA mu myaka yashize byahinduye uburezi bwabo bakabihindura kugira ngo bigendane n'uko babonye bihagaze iyo raporo ni yo twebwe dukeneye cyane."

Yongeyeho ati: "[...] Ibyo twabwira ababyeyi ni uko iri suzuma ari nk'uko umunyeshuri umwarimu amwigisha akamuha isuzuma ngo arebe niba ibyo yamwigishije yabyumvise, nababwira rero gufasha abana bafatanye n'ishuri hamwe n'abavandimwe kugira ngo bamurinde ubwoba kuko nta kidasanzwe."

Biteganyijwe ko isuzuma rya PISA rizakorwa n'abanyeshuri bagera ku 7455 baturutse mu bigo by'amashuri 213 biherereye mu bice bitandukanye by'Igihugu, aho buri kigo cy'ishuri gikoreramo abanyeshuri 35 bikazarangira tariki 7 Kamena 2025.

Mu mwaka wa 2023, isuzumabumenyi rya PISA ryitabiriwe n'ibihugu 81, rikaba ryaribanze ku mibare aho amanota yasohowe mu kwezi k'Ukuboza 2024.

Ni ibizamini bigaragaraza amanota abanyeshuri bagira mu birebana n'ubumenyi ku imari, gutekereza bigamije guhanga udushya ndetse no kuba biteguye guhangana n'ubuzima nyuma y'ubuzima bw'ishuri.

Kugeza ubu isuzumabumenyi rya PISA ribaye ku nshuro ya cyenda, rikaba rikomereje mu bihugu bitandukanye, bikaba biteganyijwe ko amanota azatangazwa mu mwaka wa 2026.

Mu 2000 ni bwo iryo suzuma ryatangiye gukorwa aho ryari risanzwe rikorwa buri nyuma y'imyaka itatu akaba ari bwo bwa mbere u Rwanda rubikoze.





# Gabon: Perezida Nguema yarahiye anizeza guteza imbere umutungo kamere

**ZIGAMA Theoneste**

***Gen Brice Clotaire Oligui Nguema yarahiriye kuyobora igihugu cya Gabon, kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 3 Gicurasi 2025, yizeza ko azateza imbere iki gihugu ashingiye ku mutungo kamere gifite urimo peteroli.***



Gen. Brice Clotaire Oligui Nguema yarahiriye kuba Perezida wa Kane wa Gabon

Ni mu birori byabereye kuri sitade yari yuzuyemo abantu benshi iherereye mu majyaruguru mu Murwa Mukuru Libreville, byitabiriwe n'Abakuru b'Ibihugu 16 byo muri Afurika barimo na Perezida Kagame.

Uwo wahoze ayoboye akanama k'Ingabo yarahiriye kuyobora Manda y'imyaka irindwi.

Nguema, w'imyaka 50, yahoze ari umwe mu barinda Perezida Omar Bongo ndetse n'umuhungu we wamusimbuye ku butegetsi Ali Bongo.

Amaze kurahira Brice yasezeranyije abaturage ba Gabon kurwanya ubushomeri bukabije mu rubyiruko rw'iki gihugu gikungahaye kuri peteroli, no gushyira imbere impinduka mu burezi.

Yanavuze ko ubu Gabon itangiza inzira nyayo ya Demokarasi.

Yagize ati: "Uyu munsi turizihiza ivugururwa ry'imiyoborere ishingiye kuri demokarasi. Ngiye gukora uko nshoboye kose ngo nkorere Igihugu, ndengere kandi nshyire hamwe Abanyagabo bose, ibyo ni byo isezerano ryanjye risobanuye."

Yongeyeho ko yifuza "Gabon nshya, ijyanye n'ibyo twifuza [...], tuzashora imari mu gutunganya ibikomoka ku mutungo kamere kugira ngo duteza imbere ubukungu bwacu."

Nguema yageze ku butegetsi nyuma yo gutsinda amatora yabaye ku itariki ya 12 Mata 2025, aho yegukanye intsinzi ikomeye agira amajwi 95%.

Yatsinze abandi bakandida barindwi barimo na Minisitiri w'Intebe ucyuye igihe, Alain Claude Bilie-By-Nze, wabaye uwa kabiri n'amajwi 3% gusa. Abandi bakandida bose batandatu basigaye nta n'umwe wabashije kurenza 1% by'amajwi.

Iyi ntsinzi ije nyuma y'uko Nguema yari amaze guhirika ubutegetsi bwa Ali Bongo mu kwezi kwa Kanama 2023, ashyira iherezo ku butegetsi bwafatwa nk'ubwami bw'umuryango wa Bongo bwari bumaze imyaka irenga 50 buyobora Gabon.

# Prof Ngabitsinze yatorewe kuyobora Ikigo cya AU gishinzwe gukumira Ibiza

**NYIRANEZA Judith**

***Prof Ngabitsinze Jean Chrisostome yatorewe kuyobora Ikigo cy'Umuryango wa Afurika yunze Ubumwe gishinzwe kurwanya no gukumira ibiza ku wa 29 Mata 2025.***



Prof Ngabitsinze Chrisostome yatorewe kuyobora Ikigo cya AU gishinzwe kurwanya ibiza

Ni amatora yakorewe i Kigali. mu nama y'icyo kigo irimo ihabera ku nshuto ya 2.

Prof Ngabitsinze yavuze ko kuyobora icyo kigo bihesheje ishema u Rwanda.

Ati: "Kugira Umuyobozi uturutse mu Rwanda ni ishema ku Gihugu kandi Ubuyobozi bw'u Rwanda bwagiye bufasha cyane Afurika mu miyoborere no gushaka ibisubizo birambye kandi bishingiye kuri Afurika."

Yongeyeho ati: "Afurika igomba kwigira hakaboneka n'amafaranga afasha ndetse akemura ibibazo by'abaturage".

Prof. Ngabitsinze yanavuze kandi ko u Rwanda rufite ubunararibonye.

Yagize ai: "U Rwanda ni Igihugu kizi ibiza, icyitwa ibiza turakizi ndetse n'indwara z'ibyorezo turazizi, kutagira amafaranga ngo uhangane nabyo turabizi, mu Rwanda dufite gahunda y'ubwishingizi ku matungo no mu buhinzi, kiriya kigo gifasha u Rwanda kandi bifasha abahinzi n'aborozi."

Ku bijyanye n'icyo u Rwanda rubyungukiramo yagize ati: "Kuyobora icyo kigo bihesheje ishema u Rwanda kandi rubikesha ubuyobozi bwiza. U Rwanda twabaye mu bihugu bya mbere byasinye amasezerano ndetse mu 2018 rwasinye amasezerano (MoU) hagati y'u Rwanda n'iki Kigo uburyo bazakorana. Ikindi ni uko inama yacyo yabereye mu Rwanda 2018, none ubu iyi ni iya 2."

Yasobanuye ko ari ikigo gifite ibigo biri, icyo gufasha ibihugu kongera ubudahangarwa mu kurwanya ibiza n'ikindi gitanga ubwishingizi mu gukumira ibyo biza.

Prof. Ngabitsinze Jean Chrisostome yanabaye Minisitiri w'Inganda n'Ubucuruzi, yatorewe kuyobora icyo kigo muri manda y'imyaka 4, ishobora kongerwa inshuro imwe.

# 2023-2024: Abahuye n'impanuka n'indwara bikomoka ku kazi barakabakaba 8000

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA) Amb Nkulikiyinka Christine, yatangaje ko hagati y'umwaka wa 2023 na 2024 mu Rwanda habaruwe abakozi bahuye n'impanuka n'indwara bikomoka ku kazi bangana na 7 955.***

Yasabye abakoresha kwita ku bakozi hirindwa ibyo byago kuko umurimo unoze uteza imbere uwukora n'Igihugu muri rusange.

Ni mu butumwa yatanze ku wa Mbere tariki ya 28 Mata 2025, ubwo hizihizwaga Umunsi Mpuzamahanga w'ubuzima n'umutekano ku kazi, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ubuzima n'Umutekano ku kazi: Ishingiro ry'Umusaruro".

Ni umunsi ku rwego rw'Igihugu wizihirijwe mu Karere ka Rwamagana, ku birombe bicukurwamo amabuye y'agaciro mu Murenge wa Musha, harebwa uko umutekano n'ubuzima by'abakozi byubahirizwa mu kazi.

Minisitiri Nkulikiyinka yagaragaje ko umurimo mu Rwanda ukibangamiwe n'ibibazo abawukora bahura na byo.

Yagize ati: "Mu Gihugu cyacu, imibare y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi (RSSB) igaragaza ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023/2024 gusa, habaye impanuka n'indwara zikomoka ku kazi zigera ku 7 955 ni ukuvuga hafi ibihumbi 8."

Yakomeje agira ati: "Twibukiranye ko uwo mubare aba ari uwa bamwe mu bakozi bake bagira amahirwe yo guteganyirizwa kugeza ubu. Twakwibaza rero abadateganyirizwa uko bangana ndetse n'ibibazo bahura na byo, byo kutabona ikibafasha iyo bahuye n'ibyago bikomoka ku kazi."



**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo Mukulikiyinka yavuze ko hazaganirwa na MINEDUC ku buryo ibyigishwa byahuzwa n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo**

Ubuyobozi bw'ikirombe cya Musha bwagaragaje ko butanga ibikoresho bitandukanye ku bakozi, byo gukoresha bacukura munsi y'ubutaka, birimo inkweto zabugenewe, ingofero, itoroshi ibafasha kumurika ahari umwijima, imyambaro yabugenewe n'uturindamatwi tubafasha kwirinda urusaku rw'ibimashini bicukura, ndetse n'agapfukamunwa kabarinda ko mikorobe ziri aho zabanduza.

Bamwe mu bakozi bacukura mu birombe by'amabuye y'agaciro i Musha bavuze ko guhabwa ibikoresho ari ingenzi kuko bituma bizera umutekano w'ubuzima bwabo.

Umucukuzi Shema Hypolite yagize ati: "Guhabwa ibikoresha biramfasha nkaza ndi muzima ngataha ndi muzima kandi bidufasha mu buryo bw'ubukungu. Iyo twambaye izi ngofero, udupfukamurwa na za bote bidufasha gukora akazi dutekanye."

Aho kandi abakozi bahabwa ubwishingizi bufasha mu gihe bahuye n'impanuka mu kazi, bukabagoboka.

Ntirenganya Bahati Jean Claude, umukozi ushinzwe ubuzima n'umutekano kuri iki kirombe cya Musha, yagize ati: "Mbere y'uko aba bakozi binjira mu buvumo, aho bacukura amabuye y'agaciro turabanza tugasuzuma uko ibintu bimeze, tukavugana n'abayoboye amatsinda y'abakozi bakajya munsi, bakareba aho baza gukorera ko nta mpanuka byateza."

Yongeyeho ati: "Icyo bikiza, tugereranyije n'igihe cyashize bigabanya imfu no gukomereka kw'abakozi rimwe na rimwe."

MIFOTRA yagaragaje ko ku bakoresha bagomba gukumira ibyatuma abakozi bahura n'ibyago bituruka ku kazi bakora ariko kandi bakabibangikanya no kubateganyiriza kugira ngo ibyago nibibaho babone ikibafasha.

Raporo y'ubugenzuzi bw'umurimo mu Rwanda igaragaza ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021/2022 igipimo rusange cyo kubahiriza ibipimo by'umurimo unoze (Decent Work) cyari 67.5% na ho ikijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi cyari 45.5%.

Mu mwaka wakurikiyeho wa 2022/2023 igipimo rusange cyo kubahiriza ibipimo by'umurimo unoze (Decent Work) cyari 72 % na ho ikijyanye n'ubuzima n'umutekano cyari 52.2%.

Mu mwaka w'ingengo y'imari ushize wa 2023/2024 igipimo rusange cyo kubahiriza ibipimo by'umurimo unoze (Decent Work) cyari 72.7% naho igipimo ikijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi cyari kuri 59.9%.

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Amb. Nkulikiyinka yibukije ko mu gihe umurimo witaweho uko bikwiye uba isoko y'iterambere mu gihugu.

Yagize ati: "Umurimo ni wo uzakomeza gufasha Igihugu cyacu gukura abaturage mu bukene kandi turagenda dutera intambwe muri uru rugendo."

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) yo mu ibarura ry'imibereho y'ingo iherutse gutangazwa muri uyu mwaka, igaragaza ko abaturage bakennye bagabanyutse cyane, bavuye kuri 39.8% mu mwaka wa 2017 bagera kuri 27.4% mu mwaka wa 2024. Kuva mu bukene nta kindi rero, ni ukubona umurimo."

Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo (International Labour Organization) ugaragaza ko ku Isi yose, buri mwaka haba impanuka n'indwara zikomoka ku kazi zigera kuri 395 000 000.







**Abasezeranye byemewe n'amategeko baragabanyutse mu 2024 ugereranyije na 2023**

# Umubare w'abashingiranywe mu 2024 wagabanyutseho 9,5% k'uwabo mu 2023

**KAYITARE Jean Paul**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda NISR, cyatangaje ko umubare w'Abanyarwanda basezeranye byemewe n'amategeko umwaka ushize wa 2024 wagabanyutse, uva ku 57 880 mu 2023 ugera ku 52 878 mu mwaka wa 2024.***

NISR igaragaza ko habayeho igabanyuka ringana na 9.5% ry'abasezeranye byemewe n'amategeko hagati y'umwaka wa 2023 n'uwa 2024.

Ni imibare ikubiye muri raporo NISR yashyize hanze izwi nka 'Rwanda Vital Statistics Report' ku wa Kane w'icyumweru gishize tariki 24 Mata 2025.

Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali kaza ku isonga mu kugira umubare munini w'imiryango y'abasezeranye byemewe n'amategeko kuko ari 5 543.

Akarere ka Gicumbi mu Ntara y'Amajyaruguru kaza ku mwanya wa kabiri mu kugira umubare munini w'abashakanye byemewe n'amategeko kuko ari 2 550.

Ni mu gihe Uturere twa Burera mu Ntara y'Amajyaruguru na Rutsiro mu Ntara y'Iburengerazuba dufite imibare mito y'abasezeranye byemewe n'amategeko.

Akarere ka Burera gafite imiryango 1 360 yasezeranye byemewe n'amategeko mu 2024 mu gihe Akarere ka Rutsiro gafite imiryango igera ku 1 394.

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda igaragaza ko abari hagati y'imyaka 25-29 ari bo benshi basezeranye byemewe n'amategeko.

Mu 2024 hasezeranye imiryango 3 939 ifite imyaka y'ubukure iri hejuru ya 40, mu gihe ababarirwa mu 16 062 basezeranye, bari hagati y'imyaka 21-24.

# U Rwanda na RDC ntibiratangira kuganira ku mushinga w'amahoro

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yashimangiye ko kugeza ubu nta mbanzirizamushinga y'amahoro iratangira kuganirwaho hagati yayo na Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), nk'uko byari byitezwe ko byari gutangira ku wa 2 Gicurasi 2025.***

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwerane Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yabigarutseho mu rukerera rwo ku Cyumweru tariki ya 4 Gicurasi, anyomoza amakuru yatangajwe na TV5 Monde ko iyo mbanzirizamushinga yasinywe ku itariki yatangajwe ubwo hasinywaga amasezerano y'amahoro.

Icyo gitangazamakuru cyavuze ko ku wa Gatanu abakuriye Dipolomasi mu Rwanda na RDC bongeye guhurira i Washington muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA), bagaragiwe n'u Bufaransa, Qatar, igihugu cyabakiriye ndetse na AU biga kuri iyo mbanzirizamushinga y'amahoro.

Minisitiri Nduhungirehe yanyomoje ayo makuru, avuga ko yatunguwe no kubona we na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa RDC Madamu Thérèse Kayikwamba Wagner, babeshyerwa ko bahuriye i Washington ngo baganire kuri uriya mushinga kandi nta n'umwe wari uhari.

Ati: "Ahubwo kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 3 Gicurasi twembi (cyangwa se twese uko turi batatu harimo n'Umujyanama wihariye w'Amerika Massad Boulos) yari i Libreville mu irahira ribereye ijisho rya Perezida C'BON (Brice Clotaire Oligui Nguema) wasoje urugendo rw'amezi 19 nk'umuyobozi w'inzibacyuho mu buryo buboneye cyane."

Yakomeje agira ati: "Kugeza n'uyu munsi nta mbanzirizamushinga y'amahoro iri mu biganiro, kubera impamvu imwe yumvikana kandi nzima ivuga ko ibitekerezo by'impande zombi bitarahuzwa."

Ku wa 25 Mata 2025, ni bwo u Rwanda na RDC basinye amasezerano akubiyemo amahame agamije kugarura amahoro arambye, babifashijwemo na Leta zunze Ubumwe z'Amerika.

Ni amasezerano atanga icyizere cyo kugarura amahoro mu Burasirazuba bwa RDC, cyane ko yabaye intandaro yo gushimangira ibiganiro by'amahoro bya Luanda na Nairobi byahujwe bikaba birebererwa n'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) ndetse n'ibya Doha muri Qatar.

Kugeza ubu hemejwe guhagarika imirwano, guhagarika gufasha imitwe yitwaje intwaro iboneka mu Karere no gukorera ku masezerano arambuye y'amahoro agomba kuba yagezweho bitarenze ku itariki ya 2 Gicurasi 2025.

Urugendo rwo gushaka amahoro arambye no kugarura umwuka mwiza hagati y'u Rwanda na RDC nk'igihugu cy'abaturanyi rurakomeje mu gihe guhera mu mpera z'umwaka wa 2021 ari bwo inyeshyamba za M23 zongeye kubura intwaro nyuma yo kubona nta gihinduka ku karengane bamwe mu Banyekongo bakorerwa gashyigikiwe na Guverinoma y'icyo gihugu.

Muri uyu mwaka wa 2025, intambara yagejeje M23 yihuje na AFC ku gufata imijyi ibiri ikomeye ari yo Goma na Bukavu, gusa ingaruka z'ayo makimbirane zasize abasaga miliyoni bavuye mu byabo ndetse n'abarenga 7000 bahatakarije ubuzima.

Iyi ntambara yateye Guverinoma ya RDC gukorana n'imitwe yitwaje intwaro irimo n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Si ugukorana n'uwo mutwe gusa ahubwo na Perezida w'icyo gihugu yatangaje ku mugaragaro umugambi wo gutera u Rwanda ndetse wanashyizwe mu bikorwa ariko uburizwamo n'ifatwa rya Goma aho FDLR, Ingabo za FARDC, abacanshuro b'i Burayi, Ingabo z'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (SADC), Ingabo za Loni (MONUSCO) bose bari bamaze gushinga ibirindiro hafi y'umupaka w'u Rwanda.

Nyuma y'uko Ihuriro AFC/M23 rifashe Umujyi wa Goma, hagaragaye intwaro nyinshi kandi zirasa kure zari zazanywe ku mupaka w'u Rwanda, ndetse hakaba hari n'ibyerekezo byamaze gushyirwaho zagombaga kurasamo.



**Nta mbanzirizamushinga y'amahoro iratangira kuganirwaho hagati y'u Rwanda na RDC**



Umuvugizi w'Inkiko Mutabazi Harrison

# Abarimu babangamiwe no kwishyurira ideni abo bishingiye muri SACCO

KAMALIZA Agnes

***Hari bamwe mu barimu bagaragaza ko babangamiwe n'uburyo bwo kwishingirana bwashyizweho na 'Koperative Umwalimu SACCO' aho iyo uwo bishingiye ahemutse akayigendamo umwenda ari bo basigara bawishyura.***

Bavuga ko kwishyura ideni batafashe bibakenesha, bigatera ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe kuko bituma bakora akazi badatekanye abandi bikabakururira amakimbirane mu miryango.

Abaganiriye n'Imvaho Nshya basaba ko kwishingirana byakurwaho kuko bidakwiye ko umuntu ahorwa ubuhemu bw'undi cyangwa Koperative Umwalimu SACCO igashakisha ubundi buryo ariko hatabayeho kubangamirana.

Kubwimana Anastaze (wahinduriwe amazina), wigisha mu Ishuri Ribanza riri mu Karere ka Ruhango mu Ntara y'Amajyepfo, yavuze ko yakeneshejwe no kwishyurira mugenzi we wafashe inguzanyo ya miliyoni 3 z'amafaranga y'u Rwanda.

Avuga ko ubu ari kwishyurira mugenzi we ibihumbi 720 Frw, bikaba byaragize ingaruka ku muryango we aho hari n'abana be babuze amafaranga y'ishuri.

Yagize ati: "Nasinyiye umuntu inguzanyo ya miliyoni 3.2 Frw, aza guhemuka ava mu kazi ayo mafaranga atayishuye ubu ndi kumwishyurira. Ni ibintu byankenesheje kuko nishyura amafaranga ntakoresheje kandi uwayakoresheje ahari."

Avuga ko byateje amakimbirane mu muryango haba uwe ndetse n'uwo uwo yishingiye akomokamo, agasaba ko Kooerative Umwalimu SACCO yashaka ubundi buryo yishyuza abayifitiye amadeni hatabayeho gufatira amafaranga y'abishingizi cyangwa kwishingirana bikavaho burundu.

Kayitesi Dalia avuga ko bidakwiye ko mwarimu yakwishyurira mugenzi we kuko bimushyira mu byago ahubwo SACCO ubwayo ikwiye kureba uko yishyuza abanga kwishyura uko bikwiye.

Yagize ati: "Hari igihe ujya gusinyira umuntu akaba ari nka ayo mafaranga akaba ayajyanye hanze bikagusiga mu byago byo kujya kumushaka, SACCO ikagutegeka ngo uwo muntu wasinyiye genda umudushakire kandi bagakwiriye kumwishakira bakamwikurikiranira."

Umuyobozi Mukuru wa Mwalimu SACCO Umwambaje Laurence, mu kiganiro na RBA, yavuze ko kwishingirana bitavaho kubera ko hari bamwe baba bangamiwe, ahubwo utabishaka yatanga ingwate.

Yagize ati: "Kuvanwaho ntibyavanwaho ahubwo twebwe turabirekeraho nk'amahitamo abiri uwumva adashaka gukoresha abishingizi azane ya ngwate."

Yagaragagaje ko kuba barashyizeho abishingizi byari bigamije korohereza mwarimu udafite ingwate kubona inguzanyo nubwo hari abahemuka bagahindura akazi ndetse na konti zinyuzwaho imishahara bakazifungura mu yandi mabanki.

Uwambaje yavuze ko kugeza ubu mu abanyamuryango ibihumbi 81 bafite abishingizi, abatageze no kuri 1% bangana n'abantu 812 ari bo bahemutse gusa.

Ubwo yasobanuraga impamvu umukozi aba ari mwarimu wa Leta kandi agasabwa ingwate bishingiye gusa kuba umushahara we unyuzwa kuri kuri Koperative Umwalimu SACCO, ariko Leta itazamwishyurira cyangwa ngo yishingire ideni mu gihe yaba atacyishyuye inguzanyo yafashe.

Yagize ati: "Leta ntiyishingira ko igihe azaba yagiye ya nguzanyo twamuhanye mu myaka itanu amaze imyaka 2 yishyura itatu itarishyurwa Leta izakomeza kumwishyurira kandi atakiri umukozi."

Koperative Umwalimu SACCO igaragaza ko muri Werurwe 2025, umutungo wayo wageze kuri miliyari 250 z'amafaranga y'u Rwanda, uvuye kuri miliyari 239 Frw wari uriho mu 2024.

Miliyari 200 Frw muri zo ziri mu banyamuryango binyuze mu nguzanyo zitandukanye bagiye bafata, mu gihe izindi 50 zikoreshwa muri Koperative mu buryo butandukanye.



SACCO

# Imanza 1 020 zarangirijwe mu buhuza mu mezi 4 ya 2025

ZIGAMA Theoneste

***Umuvugizi w'Inkiko Mutabazi Harrison, yatangaje ko, kuva muri Mutarama kugeza muri Mata 2025, imanza 1 020 zarangirijwe mu buhuza.***

Mutabazi Harrison, yavuze ko kugira ngo gahunda y'ubuhuza ikorwe neza bisaba guhindura imyumvire y'abagenerwabikorwa ariko cyane cyane n'abunganizi mu by'amategeko.

Mu kiganiro na RBA, Mutabazi yashimangiye ko usanga abunganizi mu mategeko ari bo bakunze kubangamira uku gukemura ibibazo binyuze mu buhuza.

Yagize ati: "Ubunganira ukabona abaye intambamyi, ati mugomba kuburana, muzanyishyura, cyangwa akaba aciye iruhande akavuga ngo ariko ibi by'ubuhuza ntimubijyemo."

Yavuze ko ubukangurambaga bwo kwimakaza ubuhuza mu gukemura ibibazo abantu baba bafite bwageze kuri benshi yaba abaturage basanzwe n'ababunganira mu mategeko.

Mutabazi yumvikanishije ko abunganira abantu mu mategeko barimo gushishikarizwa kuyoboka ubuhuza kugira ngo ubutabera bugerweho.

Ati: "Ingero nyinshi dufite hari imanza nyinshi zagiye zirangizwa abunganizi mu mategeko babigizemo uruhare."

Ubuhuza ni imwe mu nzira yo gutanga ubutabera yashyizweho na Leta y'u Rwanda, kugira ngo burinde abafite ibibazo byo gutakaza umwanya n'amafaranga kandi bakanongera gusubirana bakabana mu mahoro nk'uko byahoze.





# Ibinyabiziga bikoresha amashanyarazi mu byasonewe umusoro ku nyongeragaciro

NYIRANEZA Judith

***Ku wa Kabiri tariki ya 29 Mata 2025, Inteko Ishinga Amategeko yagejejweho na Komisiyo y'Ubukungu ibyerekeye umusoro ku nyongeragaciro, bemeza bimwe mu bizasonerwa birimo imodoka zikoresha amashanyarazi.***

Ni umushinga w'Itegeko rihindura itegeko No 049/2023 ryo ku wa 5 Nzeri 2023 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro.

Umushinga w'itegeko ushyiraho ibintu bisonerwa imisoro birimo ibikoresho fatizo n'imashini bitumizwa mu mahanga, ibinyabiziga bikoresha amashanyarazi n'ibitanga ingufu.

Ibikoresho bitanga ingufu bisonewe kugeza ku ya 30 Kamena 2028, imashini n'ibikoresho fatizo bikoreshwa mu nganda bisonewe kugeza ku wa 30 Kamena 2026 ibinyabiziga bitumizwa hanze bigendesha moteri ikoresha amashanyarazi n'ibikoresho bya sitasiyo zibyongerera umuriro bisonewe kugeza ku ya 30 Kamena 2028.

Perezida wa Komisiyo yavuze ko Umunyamabanga wa Leta ushinzwe imari muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi Kabera Godfrey yasobanuye ko u Rwanda rwiyemeje gushyira imbaraga mu kuvugurura urwego rw'imisoro binyuze muri gahunda isesuye y'amavugurura y'imisoro aho biteganyijwe ko igipimo cy'umusoro ku musaruro mbumbe kizaba kigeze kuri 21,5% mu 2035, ukomotse ku musaruro w'imbere mu gihugu bikazafasha kwishakamo ubushobozi bwo gukomeza gushyira mu bikorwa ingamba zikubiye muri NST2.

Perezida wa Komisiyo yakomeje agaragaza ko uyu



Inteko Ishinga Amategeko yemeje umushnga w'itegeko mu musoro nyongeragaciro

mushinga uzanamo impinduka zuko hari ibintu na serivisi bikuwe ku rutonde rw'ibintu bisonewe umusoro ku nyongeragaciro birimo ubwikorezi bw'ibicuruzwa mu nzira y'ubutaka, telefone zigendanwa na Sim card, ibikoresho na serivisi n'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi ndetse n'ibinyabiziga bigendeshwa na moteri mberabyombi na batiri zo muri urwo rwego.

Ingingo ya 2 y'ururimi yanogerejwe anagira imyandikire y'ibika ihinduka.

Hagiwe impaka ku nzu zikodeshwa zisonewe umusoro ku nyongeragaciro amahoteli ari yo gusa akurwamo kandi hari izindi nyubako zikodeshwa nk'amacumbi, inyubako zagenewe guturamo (apartement) zo zashyizwe mu zidakomeza gutanga imisoro, hasobanuwe ko amahoteli byari byakoreshejwe mu gusobanura inzu zose zicumbikira abantu harimo moteli, apartement n'izindi nzu zagenewe kwakira abantu hagamijwe ubucuruzi.

Byagaragaye ko biteza urujijo kuko hari izindi nzu nini zubakwa hagamijwe ubucuruzi kandi zikaba zitari zarashyizwemo, bityo zemejwe ko hoteli zikurwamo kuko zisigayemo zonyine kuko bigaragara nk'aho abandi basonewe kandi nabo bakora ubucuruzi.

Hemejwe ko havamo ijambo amahoteli kugira ngo havemo urujijo.

Ikindi ni igitekerezo cyavugaga ku muntu uvugwa ku muntu ubana n'umuryango we, iyo nteruro yakuwemo mu kwirinda ko yakumvikana ko umuntu uri mu nzu igihe kirenga iminsi 90 ayituyemo ariko ari umwe adafite umuryango yaba adasonewe nacyo cyakuwemo mu rwego rwo kunoza itegeko.

Kuri serivisi z'ibijyanye n'ubuhinzi gusa ubworozi ntibujyemo hasobanurwa ko mu gukora itegeko hari hitawe ku buhinzi gusa ubworozi ntibujyemo hashingiwe ko ari bwo bukorwa n'abantu benshi badafite ubushobozi kandi hagamijwe kwihaza mu biribwa mu gihe akenshi ubworozi bukorwa n'abantu bishoboye.

Hemejwe ko hajyamo n'ubworozi kuko bijyana bikanunganirana.

Hon Nyabyenda Damien agaruka ku bisonewe yavuze ko ahari ubuhinzi bakongeramo ubworozi ubona bugamije ubucuruzi, nk'umuntu Worora inkoko 10 000 agurisha, abaza niba baratekereje muri ubwo buryo nabwo nta musoro ubamo.

Hasobanuwe ko ku bwishingizi bw'ubuhinzi n'ubworozi icya mbere haba mu bworozi cyangwa mu buhinzi hose harimo abakora ubworozi bwagutse, ubuhinzi bukorerwa ahantu hanini nk'ubucuruzi na bo icyo gihe icyacyemuka gishyirwaho na Minisitiri ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano kikemezwa na Minisitiri ufite mu nshingano imisoro n'amahoro, ari we Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi MINECOFIN, icyo gihe iyo bagiye kugena ibisonerwa bakora urutonde bakareba igikwiye.

Hon. Ntezimana Jean Claude yabajije ku bijyanye na serivisi z'ubuvuzi kandi hari abazikora ku buryo bwinjiza amafaranga, hakibazwa cyiciro cyasonerwa n'icyitasonerwa.

Hasubijwe ko serivisi z'ubuzima n'ubuvuzi ari ibintu bikora ku mibereho y'abaturage, ni serivisi itangwa ku baturage muri rusange. Bityo, ibintu n'imiti bikoreshwa mu buvuzi bishyirwaho na Minisitiri w'Ubuzima bikemezwa na Minisitiri 'Imari n'Igenamigambi bivuze ko ibishyirwa ku rutonde baba babirebye kandi n'ubundi ari bya bindi bifitiye abaturage akamaro kimwe n'iby'uburezi birasonewe muri iri tegeko kuko bikora ku buzima bw'abaturage.

Mu biganiro twagiranye n'urugaga rw'abikorera nta kibazo babigize.

Ni umushinga watangiye gusuzumwa ufite ingingo 3 kandi n'ubundi Komisiyo iwusuzumye wagumye ku ngingo 3.



Ibinyabiziga bikoresha amashanyarazi biri mu byasonwe umusoro ku nyongeragaciro

# Kamonyi: Abaturage banenga bamwe muri bagenzi babo bacuza abakoze impanuka

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Ku muhanda Muhanga-Kigali uca no mu Karere ka Kamonyi gakunze kuberamo impanuka z'ibinyabiziga cyane cyane mu Murenge wa Musambira, usanga bamwe mu baturage baza kwiba ibihanutse mu modoka no kwambura abagize impanuka, bakaba banengwa na bagenzi babo ndetse ko ari icyaha gihanwa n'amategeko.***

Sibomana Jean claude umwe mu batuye hafi y'ahakunze kubera impanuka mu muhanda wa Kigali-Muhanga, ahazwi nko mu ikoni ry'abasomari mu Mudugudu wa Mbali, Akagari ka Karengera, Umurenge wa Musambira mu Karere ka Kamonyi, anenga ko muri ako gace hari bagenzi be bafite umuco mubi wo kumenya ko hari impanuka ibaye, aho gutabara abari mu kaga ahubwo bakaza kubiba ibyo baba bafite.

Yagize ati: "Sinzi ukuntu abaturage b'inaha bateye, aho gutabara ubuzima bw'umuntu ukoze impanuka, bihutira kumutwara ibyo yari afite."

Yongeyeho ati: "Urugero rwa hafi ni impanuka yabaye mu ijoro ry'itariki ya 1 Gicurasi 2025 saa munani z'ijoro, naje hano impanuka imaze kuba hamwe n'abanyerondo babiri tuje gutabara abakoze impanuka.

Tuhageze dusanga bamwe muri bagenzi banjye baturiye hano bahageze mbere aho gutabara abakoze impanuka [....] ahubwo bajya mu mifuka y'ifu ya kawunga n'iyamakara byari bitwawe n'imodoka zagonganye, maze babijyana mu ngo zabo."

Undi muturage wo muri aka gace avuga ko ari ibintu byababaye nk'ingeso ndetse bimaze gufata indi ntera, ku buryo hari n'abo avuga ko baba bashinzwe guhora bacunga ko



Ahakunze kubera impanuka mu Murenge wa Musambira , haravugwa ingeso mbi yo kwambura abakoze impanuka no gusahura ibicuruzwa

nta mpanuka ibera muri aka gace.

Nyirahabimana Agnes, ati: "Iyo hagize impanuka ihabera bahita bahamagarana bakajya gutwara ibyabo bakoze impanuka n'imodoka bakazipakurura, ku buryo ari ingeso bamaranye igihe."

Mu byari byibwe muri iyo mpanuka yabaye, babashije kugaruza imwe mu mifuka y'ifu imwe muri izi modoka yari ipakiye, Amakara yo ntayo babonye ndetse bamwe mu bari basahuye bakabirunda mu ngo zabo hari ngo n'abari batangiye kubigurisha.

Umuvugizi wa Polisi ku rwego rw'igihugu ishyami ry'umutekano wo mu muhanda, SP Kayigi Emmanuel, avuga ko hari amategeko ahana abantu batagira ubumuntu muri bo babura gutabara abakoze impanuka ahubwo bakirukira kubambura ibyo bari bafite no gutwara imizigo yari mu modoka.

Ati: "Ku bw'amahirwe inzego z'umutekano dufatanyije n'abaturage n'ubuyobozi bw'aho muri Kamonyi habereye impanuka y'imodoka ya Fuso yari ipakiye amakara yerekezaga i Kigali n'ikamyo yari ipakiye ifarini yajyaga mu cyerekezo cya Muhanga, twabashije kugaruza bike mu byo abaturage bari bapakuruye mu modoka bakabijyana mu ngo zabo."

Avuga ko abaturage basanganwe mu ngo zabo imizigo bapakuruye mu modoka za koreye impanuka mu Murenge wa Musambira, bagiye kubiryozwa ndetse akaba akomeza agira inama abaturage yo kwirinda gusahura ibintu by'abakoze impanuka, kuko icyo ari icyaha cy'ubujura gihanwa n'amategeko.

# Nyagatare: Abatujwe Nkoma II byababahinduriye ubuzima

**HITIMANA Servand**

***Bamwe mu baturage bagiye bakurwa hirya no hino badafite aho kuba bagatuzwa mu Murenge wa Karangazi mu Kagali Ka Nyamirama, barabyinira ku rukoma aho bashimira Leta yabahaye ubutaka bagakora bikabahindurira ubuzima.***

Abo baturage bavuga ko bari mu buzima bubi batagira ubutaka aho bagiye batoranywa na bagenzi babo nk'abatagira ubutaka, cyane mu Turere twa Nyagatare Gatsibo n'ahandi, bakaza gutuzwa na Leta muri Karangazi.

Bahamya ko hari abagiye baza nta kintu namba bafite bagatangira kubyaza umusaruro ubutaka bahawe bakeza, bakava mu cyiciro cy'abatishoboye.

Bavukarwanze J. Nepomscene wahatujwe akuwe mu Murenge wa Gatunda yagize ati: "Nari mu buzima bubi cyane. Twagiye kumva twumva baratubwiye bati abadafite aho kuba muze tubatuze. Naje n'ipantalo nambaye gusa, bampa isambu ndahinga ndeza ngira amafaranga. Ubu nanjye ndavuga rikumvikana mu gihe mbere nitinyaga mbona nta cyerekezo."

Akomeza agira ati: "Aha twahatujwe mu 2009 kugeza uyu munsi twahinduriwe ubuzima ndetse tuva mu byiciro twarimo by'abatishoboye. Ubu nishyurira abana amashuri kandi mu mashuri meza, ndarya ngahaha mu gihe nari ngiye kwicwa n'umudari."

Mugenzi Emmanuel Ngaboyumuremyi waturutse mu Murenge wa Rukomo na we agira ati: "Njye nari ntuye mu kazu k'ibirere mpingira amafaranga 500 ku munsi.



Abatuye Umudugudu wa Nkoma II batagiraga aho kuba byababafashije guhindura ubuzima

Natoranyijwe n'abaturage baravuga bati uwo nta mibereho afite mumujyane mu mumufashe. Naje mfite ibilo 40 uyu munsi mfite 70. Abanzi icyo gihe ntibashidikanya kubona ko nahinduye ubuzima."

Abo baturage barashima Leta yabitayeho ikabafasha kugira aho bava n'abo bagera.

Ngaboyumuremyi ati: "Ndashimira ubuyobozi bw'Igihugu bwaduhaye amahirwe yo kubona ubutaka twakoresheje bikadufasha kugira imibereho myiza. Birakomeje kandi kuko ubu bwa butaka twahawe bwatunganyijwe na Leta ku buryo bugezweho aho n'ubundi buzajya butubyarira inyungu mu buryo bwisumbuyeho. Byanajyanye kandi no kubakirwa izo nzu turimo, hagezwa amashanyarazi ndetse ubu n'amazi ari hafi kutugeraho ku buryo buhoraho."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen yemeza ko gutuzwa kw'aba baturage byababereye ingirakamaro.

Yagize ati: "Ni byo abaturage b'Umudugudu w'icyitegererezo wa Nkoma II bigaragara ko imibereho yabo yagiye iba myiza cyane ko batujwe muri Ibi bice ari bishya bagahinga bakeza aho usanga ari abaturage bihagije mu byo kurya ndetse bagasagurira n'amasoko. Ubu rero bubakiwe uyu mudugudu kugira ngo bwa butaka bwabo butunganywe buruseho kubyazwa umusaruro, bibafashe gukomeza gutera Imbere."

Umudugudu w'icyitegererezo wa Nkoma II utuwe n'imiryango igera kuri 288.







Inzu z'abarokotse Jenoside i Gafumberi zatangiye kwiyasa inkuta hashize igihe

# Nyabihu: Bigogwe abarokotse Jenoside bahangiyikishijwe n'inzu n'ubwiherero bishaje

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batujwe mu Murenge wa Bigogwe, mu Mudugudu wa Nyagafumberi, bavuga ko babangamiwe no kuba inzu bubakiwe ndetse n'ubwiherero byarashaje ku buryo ngo bafite impungenge ko zishobora kubagwaho cyangwa se bakaba batengukana n'ubwiherero.***

Abatuye muri uwo Mudugudu basaba inzego bireba kubafasha gusanirwa ku buryo bahitamo kujya gutira ubwiherero ahandi.

Umwe mu baganiriye na Imvaho Nshya yagize ati: "Twubakiwe hano inzu zifite ubwiherero rusange, ariko byose birashaje, ari inzu nazo ni uko urabona ko zasadutse inkuta hari ubwo amazi aza akadendeza kugera mu bikoni byacu uretse no kuba ubu bwiherero bwarasenyutse na bwo kugerayo ni ikibazo kuko amazi araza akuzura imbere ya bwo mu bihe by'imvura twifuza ko badusanira byose."

Undi mukecuru na we yabwiye Imvaho Nshya ko bagorwa no gukora ingendo bajya gutira ubwiherero.

Yagize ati: "Ubu kubera kugira amakenga iyo dushaka kujya mu bwiherero tujya mu bw'abaturanyi, hari ubwo usanga nyir'urugo arimo bikagusaba kumutegereza cyangwa se ugacunga ukajya mu rundi rugo, twifuza ko baza bakadusanira kuko uroye byose bimaze gusaza."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu, Mukandayisenga Antoinette, avuga ko iki kibazo bamaze kukimenya, igisigaye ni ukureba uburyo cyakemuka.

Yagize ati: "Yego amakuru turayafite twamenye ko ubwiherero n'inzu zabo zifite ikibazo, ntabwo twari tuziko ubwiherero bwasenyutse burundu ngiye kubiganiraho n'ubuyobozi bw'umurenge tubanze twifashishe umuganda ku bikorwa bitagoye byaba bihari".

Abatujwe mu Mudugudu wa Gafumberi barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abenshi ni abageze mu za bukuru bakaba barahatujwe ari imiryango 15, mu mwaka wa 2007.

# Nyagatare: Kabuga barifuza amashanyarazi bakanoza imishinga yabo y'iterambere

**HITIMANA Servand**

***Bamwe mu baturage b'Umudugudu wa KabugaI, Akagari ka Byimana mu Murenge wa Matimba bavuga ko hari imishinga bafite idindizwa no kuba bataragezwaho umuriro w'amashanyarazi bikaba bikomeje kuba inzitizi ku iterambere ryabo.***

Abaturage batandukanye bavuga ko kuba aho batuye nta mashanyarazi arahagezwa bituma batabasha gukora ibikorwa by'iterambere nko kugura ibyuma bisya n'ibindi bikenera umuriro w'amashanyarazi.

Kimenyi Janvier avuga ko uyu Mudugudu wagiye ishyiraho udushya tugamije kubafasha kugira imibereho myiza, ariko bakaba bakomwa mu nkokora no kutagira amashanyarazi.

Yagize ati: "Hari ibikorwa twagiye dukora tugamije kuzamurana nk'abaturage. Urugero ni gahunda yo kwizigamira aho twashyizeho ikigega cyo kuzigama imyaka mu gihe twejeje kugira ngo izaturengere mu gihe kibi. Ibi byatumye tuzamuka mu bushobozi ku buryo ubu twifuzaga kwagura tugashinga uruganda rwa kawunga."

Akomeza agira ati: "Ibi ariko ntibyakunda kuko tubangamirwa no kutagira amashanyarazi. Tuyabonye twakora byinshi tukarushaho kwiteza imbere."

Mukamusoni Collete na we yagize ati: "Twifuza natwe guhabwa amashanyarazi, uretse kuba hari ibikorwa by'iterambere twageraho tubikesha amashanyarazi, tunifuza kuva mu mwijima tukaba ahantu hari umucyo, byazanadufasha no mu gucunga umutekano cyane mu gihe cya nijoro.

Ubundi turi Umudugudu w'intangarugero muri gahunda za Leta ariko kugira ngo dukomeze twese imihigo baturwaneho baduhe amashanyarazi."

Mukundwa Simeon ati: "Nk'ubu tubonye umuriro muri uyu Mudugudu hari ibikorwa byinshi twakora byaduteza imbere birimo kubaza, kogosha, gusudira, gukoresha ibyuma bisya ndetse twakora n'indi myuga tukava mu bushomeri ariko ubu tuba turi mu rugo nta mirimo ihura n'ubumenyi dufite dukora."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen, yavuze ko hari icyizere cyo kuba mu mezi 18 ari imbere abo baturage bazacanirwa.

Yagize ati: "Ni byo abaturage turabumva ko bafite inyota yo kubona amashanyarazi. Twabaha icyizere rero ku mushinga mugari tugiye gutangira ugamije guha abaturage benshi amashanyarazi, tuzacanira abagera ku bihumbi 16. Aba na bo rero aya mahirwe agomba kubageraho. Bategereze bihanganye rwose bazabona amashanyarazi bakomeze imishinga yabo."

Kugeza ubu mu Karere ka Nyagatare ibikorwa byo kugeza amashanyarazi ku baturage bigeze ku kigero cya 78%.



Abaturage ba Kabuga I iyo baganira ku iterambere bagaruka ku mbogamizi zo kutagira amashanyarazi

# Nyamasheke: Umubiri w'uwazize Jenoside wabonetse biturutse ku ntonganya

BAHUWIYONGERA Sylvestre

*Mukabucyana Béata w'imyaka 49 afungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Ntendezi akurikiranyweho guhisha amakuru y'umubiri w'umusore witwaga Ngerageze Théophile wari ufite imyaka 36 yagize uruhare mu kwica muri Jenoside, amakuru amenyekana ari uko atonganye na muramukazi we Nyiraneza Berthe w'imyaka 74 bakawushinjanya.*

Abo bombi bafitanye amasano batuye mu Mudugudu wa Kamabera, Akagari ka Mariba, Umurenge wa Nyabitekeri mu Karere ka Nyamasheke.

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, Musanabera Esther, umukazana wa Nyiraneza Berthe, wabumvise batongana akanatanga amakuru, avuga ko byabaye tariki ya 14 Mata 2025, saa tatu z'igitondo ari mu murima we n'abana be 3 bagiye gukura ibijumba mu Mudugudu wa Kamabera kuko ari ho ahinga, ariko akaba atuye mu Mudugudu wa Kamuhoza, mu Kagari ka Mariba.

Atangiye kubikura, haje nyirasenge w'umugabo we Mukabucyana Béata ashaka gufunga inzira nyabagendwa, inyurwamo n'abagenzi, ngo yamunyuriraga munsi y'inyanya, atinya ko baziba.

Muramukazi we Nyiraneza Berthe akanaba nyirabukwe wa Musanabera Esther yanze ko muramukazi we Mukabucyana Béata ayifunga batangira gutongana no gucyurirana.

Musanabera Esther ati: "Nari hagati yabo bambona. Baratongana, Nyiraneza abwira Mukabucyana ati' Narakubitse.' Mukabucyana na we ati 'Nanjye narakubitse.' Bakomeza kuvuga uko ko babikanye, hashize akanya Mukabucyana abwira Nyiraneza ko yamye ari nyirabayazana, ko yicishije musaza we kugira ngo acyurwe n'undi mugabo."

Umugabo wa Nyiraneza akaba musaza wa Mukabucyana Béata, nyuma yo gukora



Mukabucyana Béata yisobanura mu ruhame rw'abaturage b'Umudugudu wa Kamabera iby'amakuru y'umubiri w'uwishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Jenoside yahunganye n'uwo mugore we n'abana 7, agaruka ari umucengezi mu 1996, aje guhungabanya umutekano w'Igihugu arasirwa aho Nyabitekeri, umugore ahungukana abana nyuma.

Mukabucyana akavuga ko muramukazi we ari we wamwicishije ngo azacyurwe n'umuturanyi we, wanamucyuye kuri ubu.

Amubwiye atyo, Nyiraneza ngo yaramusubije ati" Ko unyise nyirabayazana, na we nibakubaza uwo mwishe muri Jenoside mukamukururira mu bwiherero uzamwerekana."

Musanabera Esther acyumva imvugo ya nyirabukwe na nyirasenge w'umugabo we izanamo iby'umubiri w'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wahishiwe amakuru imyaka 31 ikaba ishize, kandi uwo nyirasenge w'umugabo we ashinjwe kugira uruhare mu kumwica no kumukururira mu bwiherero bw'iwabo, areka gukura ibijumba ajya gutanga amakuru yumvise.

Inzego zahise ziyakurikirana, umukecuru na muramukazi we bumvise amakuru yamenyekanye intonganya barazireka, bumvikana ko bagomba kubihakana byose, ko ari urwango rumaze igihe Musanabera abafitiye, nta by'umubiri bavuze, batanawuzi.

Musanabera yabwiye Imvaho Nshya ko iyicwa ry'uwo musore Ngerageze Théophile, wacuruzaga ikawa, Jenoside itangiye baramuhize cyane ngo bamwice bamwambure amafaranga. Aho yari yihishe umugabo witwa Nsanzurwimo Juvénal bahimbaga Gasota aramuvumbura, aramujyana aramutemagura amujugunya mu cyobo cyari ubwiherero bw'itorero EMLR.

Ati: "Yagiye azi ko yamwishe, undi akomeza gutakira muri icyo cyobo ashaka uwamukuramo, anavuga ko uwamukuramo akamuvuza yakira. Yumvwa na Seburahima Isaac, umugabo wa Nyiraneza Berthe, ajya kumukuramo, afatanyije n'uwo mushiki we Mukabucyana Béata, nyina Nyirabitebo Daphrose n'abandi bagabo 5, aho kumukiza, baramuhorahoza, bamukururira mu bwiherero bw'uwo mukecuru Nyirabitebo."

Yongeyeho ati: "Igiteye agahinda ni uko ubwo bwiherero babukoresheje igihe gito bamaze kumutamo, baza kubusiba hejuru bahatera insina, ku mpande hahinze ibishyimbo bishingirirwa."

Amakuru agikurikiranwa, babihakana ku wa 24 Mata 2025, hafashwe umwanzuro wo kurimbura icyo gitsinsi cy'insina, baracukura bagera ku mubiri muri 5m, ariko babura umutwe, amaguru n'amaboko, bikekwa ko byo uwo Mukabucyana Béata ukihaba, wanahazaniye umugabo, yaba yarimuye ibyo bice byabuze, umubiri akawuhinga hejuru ngo azimangatanye ibimenyetso.

Umubiri ukiboneka bahise bemera icyaha cyo guhisha amakuru iyi myaka yose, Mukabucyana yemerera mu nteko y'abaturage ko ari mu bamukururiye mu bwiherero bamaze kumwica, Nyiraneza na we avuga ko muri Jenoside, umugabo we Seburahima Isaac, yatashye saa tatu z'ijoro amubwira ko bishe uwo musore bamuta mu bwiherero bwo kwa nyina, asaba imbabazi ko yari yaracecetse amakuru,ayazi.

Mukabucyana yahise atabwa muri yombi, Nyiraneza Berthe ngo bavuga ko afite uburwayi bukomeye bwa Diyabete, yabazwa ari hanze.

Musanabera Esther avuga ko ku wa 27 Mata 2025, Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) bwamuhamagaye agasubiramo ayo makuru yose uko yayumvise.

Imvaho Nshya yanaganiriye na nyina wa nyakwigendera, Uzamushaka Godelieve, avuga ko Ngerageze Théophile wishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yari imfura ye, akaba yari yarabuze amakuru ye nyamara abayafite baturanye, no muri Gacaca bararyumyeho kandi no mu gihe cyo kwibuka batajya bagaragara, bakaba bayagaragaje bakimbiranye.

Ati: "Ndacyashengutse umutima kuko batangaragariza umubiri wose w'umwana wanjye, n'ibyo bice byabonetse bari babanje kubihakana kandi nyamara ari bo bivananyemo."

Yarakomeje ati "Imyaka 31 yose basabwa gutanga amakuru bakaryumaho. Ndasaba ko n'uyu Nyiraneza Berthe yafatwa, bagatanga amakuru yose n'ibyo bice bindi bakabyerekana kuko aho babishyize bamuteraho insina hejuru bahazi. Sinashira intimba ntashyinguye umubiri wose w'umwana wanjye. Banambwire umubare w'amafaranga yose bamwambuye, kuko byose babiceceka."

Uhagarariye Ibuka mu Murenge wa Nyabitekeri, Rudahunga François, avuga ko bibabaje cyane kuba aturanye n'abo bantu, ubu akaba ari bwo bagaragaje aya makuru, barayacecetse imyaka 31 yose.

Ati: "Biteye agahinda. Nka Ibuka ibi biradushengura cyane kubona umubyeyi amarana imyaka 31 intimba y'umuhungu we atigeze abona ngo amushyingure mu cyubahiro, abaturanyi be banamwishe, bakamuta mu bwiherero bwabo, bakamuhinga hejuru bazi ayo makuru. Bakurikiranwe, birashoboka ko hari n'andi bazi, baduhishe."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'agateganyo w'Umurenge wa Nyabitekeri, Dusengimana Marlène, ahumuriza uyu muryango, avuga ko ikibazo kiri gukurikiranwa cyane n'inzego zibishinzwe, ko kuba uyu mukecuru ari hanze bitavuze ko bamuretse.

Ati: "Amakuru aracyakusanywa, turanateganya umuganda wo gushakisha ibyo bice bindi by'umubiri wa nyakwigendera bitabonetse. Nta mpungenge ko kuba uyu mukecuru ari hanze hari ibimenyetso yasibanganya kuko ntibigishobotse, kimwe n'abo bandi bose bavugwa muri uru rupfu."





# Gicumbi: Babangamiwe n'imiterere y'umuhanda wa Rutare idindiza iterambere ryabo

KWIZERA Jean de Dieu

***Abaturage bo mu Murenge wa Rutare barasaba ko umuhanda wa Rutare, wakorwa neza kuko mu gihe cy'imvura unyerera cyane ndetse no mu bihe bisanzwe imikuku ikabangamira abawugenda batwaye ibicuruzwa.***

Bagaragaza ko uwo muhanda wa Rutare wamaze kwangirika mu bice bimwe na bimwe, ibyo bigatuma unyerera n'ibinogo bikabangamira ubuhahirane bw'abaturuka muri Cyamutara bagana Rutare, n'abaturuka mu Rukomo bagiye guhahira mu isoko rya Rutare.

Gakiza Gael, utuye mu Murenge wa Rutare, Akagari ka Bikumba, Umugudugudu wa Cyintaganirwa, yagize ati: "Mu by'ukuri rero, uyu muhanda nk'uko uwubona, uhuza abantu benshi cyane harimo n'abo mu Mujyi wa Kigali bose baje hano muri iri soko ryacu guhahiramo ibishyimbo n'ibirayi ariko uyu muhanda ukaba imbogamizi kubera imikuku ibamo ndetse ugakunda no kunyerera cyane by'umwihariko mu gihe cy'imvura."

Yakomeje agira ati: "Hari amagare ava hakurya muri Muhazi, andi agaturuka mu isoko rya Rusine, mbese uyu muhanda ukoreshwa na benshi kuko inaha tweza ibishyimbo, ibirayi, ibitunguru n'ibindi, byaba byiza ukozwe."

Undi yagize ati: "Uyu muhanda wacu bawukoze n'ibi binogo bikavamo byatubera byiza kuko, Rutare ni yo yari Umujyi wa kabiri wa Gicumbi ariko uyu muhanda wabaye imbogamizi kuko iyo imvura iguye moto ntibasha kuwugendamo, imodoka ntiwugendamo n'ibindi."



Uyu muhanda wangiritse ubangamira imigenderanire n'ubuhahirane

Turatsinze Jean Bosco yagize ati: "Kuva hano kugera ahitwa Cyamutara iyo imvura yaguye ntabwo bijya munsi ya 3 000 RWF hanyuma kuva hano kugera mu Mujyi wa Gicumbi ntabwo byajya munsi 10 000 RWF kuri moto, ibi byose rero biterwa n'umuhanda mubi ariko badufashije ugakorwa neza hakaba hanajyamo kaburimbo byaba ari akarusho."

Abaturage bagaragaza ko bavuze iki kibazo cy'uwo muhanda ndetse ngo umuhanda ugapimwa ariko ntakirakorwa.

Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Uwera Parfaite aganira na Imvaho Nshya yagize ati: "Inyigo zarakozwe ariko tuba dutegereje ko ubushobozi buzaboneka. Uyu mwaka n'utaha nta bushobozi navuga dufite abaturage ni ugutegereza Akarere twazabona ubushobozi tukawukora kandi bigenda bikorwa buhoro buhoro."

Uwera Parfaite, yagaragaje ko hari uburyo bafatanya n'abaturage mu gusana ahangiritse ku muhanda.

Ati: "Hari ibikorwa mu miganda n'abaturage bishoboka hanyuma hari n'ibindi tubona biba bikenewemo 'Laterite', ibyo byose tugenda tubikora bitewe n'ubushobozi buhari. Umwaka utaha twazareba, ibyo binogo n'ibindi bikabije cyane twazabisiba kugira ngo umuhanda ukomeze gufasha abaturage."

Uwo muhanda abaturage basaba ko wakorwa ufite kilometero 20 uvuye Nyamiyaga kugera Cyamutara.

# Muhanga: Abakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro ntibagica inshuro y'ibijumba

UWIZEYIMANA Aimable

***Bamwe mu bakora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bavuga ko byatumye bigira, bibarinda kujya guca inshuro bahingira ibijumba.***

Umwe muri bo Mpinganzima Chantal, avuga ko ubuzima bwe bwari bumeze nabi, ku buryo yajyaga no guhingira ibijumba, ariko nyuma yo kuza mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro abasha kurihirira umwana we wiga mu mashuri yisumbuye abikesha guhembwa ku kwezi.

ati: "Muri make wa mugore wahingiraga ibijumba ubu abasha guhingisha abandi mu mirima, yabashije kwivana mu manegeka yubaka inzu aguze ikibanza cy'ibihumbi 500 nde ari kwishyurira n'umunyeshuri wiga aba mu kigo, ubuzima bwanjye bwarahindutse."



Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwabateje imbere bubahindurira ubuzima ntibagica inshuro

Yongeyeho ati: "Nari umuntu uhingira ibijumba byo kurya cyangwa ikilo cy'ibishyimbo, ndetse rimwe na rimwe nkanaburara, ariko ubu mpembwa amafaranga ibihumbi 60 mu cyumweru ndetse hari n'igihe mbirenza bitewe n'amabuye nayunguruye nkabona."

Kamanzi Emmanuel, avuga ko ubusanzwe atarinjira mu bucukuzi yabagaho ntacyo ashobora kwinjiza, none ageze aho kuba yarubatse inzu y'amabati 30.

Ati: "Nari umushomeri, nakoraga uturaka tw'ikiyedi tumpemba udufaranga tutarenga 1000frw ku munsi, nta cyizere cy'ubuzima bw'ejo hazaza nari mfite, none ubu kubera umushara mpembwa ugera ku bihumbi 100 mu cyumweru, ndi kubaka inzu y'amabati 30 nshigaje kuyikinga ibyo numvaga kera ari nk'inzozi."

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Bizimana Eric avuka ko yemera iterambere n'imibereho y'abakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro ko yahindutse.

Ati: "Ndashimangira ko abaturage bakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro hano iwacu mu Karere ka Muhanga, imibereho yabo yahindutse kuko na raporo z'amakampani abakoresha iyo tuzihuje niziva mu cyirenge, zitwereka ko hari ikiciro bavuyemo kuko usanga abenshi baraguze amatungo abafasha kwiteza imbere, abandi bari kubaka inzu no kuzivugurura, ku buryo utashidikanya ko abakora mu mabuye y'agaciro hari iterambere bamaze kugeraho."

Akomeza avuga ko imibare y'igipimo cy'ubukene iherutse gushyirwa ahagaragara n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, yerekana ko ubukene mu Karere ka muhanga buri ku gipimo cya 15% buvuye kuri 30% bwariho mbere, ku buryo babibona nk'umusaruro wavuye mu mbaraga bagiye bafatanyamo n'abafatanyabikorwa barimo n'akampani zicukura amabuye y'agaciro.

Kuri ubu mu Karere ka Muhanga habarurwa kampani zikora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro zigera kuri 14, zikaba zikoresha abakozi 3167, barimo abagore 627, abagabo 2540 n'urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18 na 30 rugera ku 2406.

# Kwibuka 31: Nyiranyamibwa yashimiye Inkotanyi zarokoye Abatutsi

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi umenyerewe mu njyana gakondo n'izifashishwa mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, Nyiranyamibwa Suzanne yashimiye Inkotanyi zarokoye abari basumbirijwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Uyu mubyeyi ni umwe mu babuze ababo muri Jenoside yakorewe Abatutsi kimwe n'abandi Batutsi bari mu gihugu icyo gihe.

Yabigarutseho ku ya 04 Gicurasi 2025, ubwo yari yitabiriye igikorwa cyo kwibuka abana n'abagore biciwe ku Ibambiro muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Kibirizi mu Karere ka Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo.

Ubwo yari amaze kuririmba, yashimiye ingabo zari iza RPA zabohoye Igihugu zigahagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi.

Yagize ati: "Tuzajya duhora twibuka twiyubaka, Jenoside yakorewe Abatutsi ntizasubira. Dufite ingabo zakuye iki Gihugu mu mwijima zikagisubiza mu mucyo."

Nkotanyi zacu, ngabo z'Igihugu cyacu dukunda, Imana ijye ibahora iruhande, muragahorana intsinzi. Imana iyobore intambwe zanyu, ibarinde gusitara, nimwikanga ibahumurize turabakunda, iyo tutabagira ntituba duhagaze ahangaha."

Nyiranyamibwa, mu kwifatanya n'abatuye Kibirizi kwibuka abagore n'abana bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yaririmbye indirimbo zitandukanye zirimo Nyanza Ntuzazima, Mama, Ese Mbaze Nde, Uraho Rwanda n'izindi.

Uretse gushimira ingabo zahagaritse Jenoside, Nyiranyamibwa ni umwe mu bahanzi bakoresheje inganzo yabo igaherekeza ingabo za RPA zarwanaga urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside, bikaba bigaragararira mu zindi ndirimbo ze nka Indege irahinda', zaba', 'Gira ubuntu', 'Turaje', 'Nimuberwe bakobwa n'izindi.

Mu biganiro bitandukanye Nyiranyamibwa yagaragaje ko indirimbo ahimba zo kwibuka atazifata nk'ubuhanzi gusa, ahubwo abifata nk'uburyo bwo gusohora ibyo yaboneshejeje amaso ye ubwo yari atashye mu Rwanda akakirwa n'imirambo y'abe n'abandi Batutsi bishwe.



**Umuhanzi Nyiranyamibwa Suzanne yifatanyije na bo mu Karere ka Nyanza kwibuka abana n'abagore bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**



**Umuhanzi Nyiranyamibwa Suzanne**

# Umuramyi Vestine yatangaje itariki y'ubukwe bwe

**MUTETYERAZINA Shifah**

***Umuramyi Ishimwe Vestine wamenyekaniye mu itsinda rya Veatine na Dorcas, yatangaje igihe azakorera ubukwe n'umugabo we Idrisa Ouedraogo baherutse gusezeranira imbere mategeko.***


Yabitangaje yifashishije imbuga nkoranyambaga ku wa 4 Gicurasi 2025.

Nyuma yo kugaragaza ko azashyingiranwa n'uwo yihebeye tariki 05 Nyakanga 2025, Vestine yahise ataka Idrissa Ouedraogo avuga ko arenze kuba ari umugabo we.

Yanditse ati: "Si umugabo wanjye gusa, ahubwo ni urugo rwanjye akaba n'uburuhukiro/umwanya nduhukiramo."

Vestine yatangaje ibyo nyuma y'iminsi mike yongeye izina ry'umukunzi we ku mazina asanzwe akoresha ku mbuga nkoranyambaga.

Ishimwe Vestine yasezeranye imbere y'amategeko n'umukunzi we Ouedraogo Idrissa ukomoka muri Burkina Faso ku gicamunsi cyo ku wa Gatatu tariki ya 15 Mutarama mu Murenge wa Kinyinya mu Karere ka Gasabo.




**Bagaragaje igihe bazakorera ubukwe**





# Indahangarwa WFC yegukanye Igikombe cy'Amahoro itsinze Rayon Sports y'Abagore

**SHEMA Ivan**

***Ikipe ya Indahangarwa WFC yegukanye Igikombe cy'Amahoro nyuma yo gutsinda Rayon Sports y'Abagore ibitego 4-2 ku mukino wa nyuma wakinwe kuri iki Cyumweru, tariki ya 4 Gicurasi 2025, kuri Stade Amahoro.***

Gikundiro yatangiye umukino neza itsinda ibitego bibiri mu minota 30 ya mbere byinjijwe na Bizimana Rukia na Ukwikunda Jeannette Kuri Penaliti.

Indangahangarwa WFC zishyuye igitego kimwe cyatsinzwe na Umuhoza Belyse.

Igice cya mbere cyarangiye Rayon Sports yatsinze Indahangarwa ibitego 2-1.

Mu igice cya kabiri, Indahangarwa zagarukanye imbaraga zitangira gusatira izamu rya Rayon Sports ndetse ibona igitego cya kabiri cyo kwishyura cyatsinzwe na Mukarusangira Jeannette.

Niyonzima Olive yatsindiye indahagarwa igitego cya gatatu kuri penaliti mu gihe mu minota ya nyuma Umutesi Magnifique yatsinze igitego cya kane arobye umuzamu wa Rayon Sports.

Umukino warangiye Indahangarwa yatsinze Rayon Sports ibitego 4-2, yegukana Igikombe cy'Amahoro ku nshuro ya mbere, kiba n'igikombe cya mbere yegukanye kuva yashingwa mu 2009.

Iyi kipe yo mu Murenge wa Kabarondo, Akarere ka Kayonza ifite intego igira iti 'Ubupfura-Gukotana-Intsinzi', yasoje Umwaka w'Imikino wa 2024/25 muri Shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagore, iri ku mwanya wa kabiri, aho ikurikira Rayon Sports W FC yegukanye shampiyona.

Umwanya wa gatatu wegukanywe na Police WFC itsinze Kamonyi WFC Penaliti 4-3 nyuma yaho banganyije igitego 1-1 mu minota 120.

AS Kigali WFC yatsinze Fatima WFC ibitego 4-1 mu mukino wabereye ku Mumena.




**Indahangarwa WFC yegukanye Igikombe cy'Amahoro nyuma yo gutsinda Rayon Sports y'Abagore ibitego 4-2**




**Ikirango cya Visit Rwanda kigiye kujya kigaragara ku myenda y'imyitozo y'iyi kipe no kuri Stade yayo**

# U Rwanda rwinjiye mu bufatanye n'Ikipe ya Atlético de Madrid

**SHEMA Ivan**

***Binyuze mu Rwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), u Rwanda rwasinye amasezerano y'imyaka itatu n'Ikipe ya Atlético de Madrid yo muri Espgane.***

Ubu bufatanye bugena ko Visit Rwanda izajya igaragara ku myenda y'imyitozo y'iyi kipe n'iyo kwishyushya mbere y'umukino muri itanu isigaye ngo shampiyona ya Espagne irangire, La Liga.

Ni nako bizagenda mu gikombe cy'Isi cy'amakipe y'ibihugu kizabera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu mpeshyi y'uyu mwaka.

Guhera mu mwaka utaha w'imikino, Visit Rwanda izajya igaragara ku myenda y'ikipe y'abagore no ku myenda abakinnyi bambara bari kwishyushya. Visit Rwanda izajya igaragara kandi no mu mugongo ku myenda abakinnyi basohokana binjiye mu kibuga ku makipe yombi, ni ukuvuga yaba abagabo n'abagore.

Usibye ibyo, Visit Rwanda izajya yamamazwa kandi no ku kibuga cy'iyi kipe, Riyadh Air Metropolitano Stadium, ku mbuga nkoranyambaga n'ahandi.

Visit Rwanda izajya yamamazwa nk'umufatanyabikorwa w'imena w'iyi kipe mu myitozo, imenyekanishwe kandi nk'igicumbi cy'ubukerarugendo, ndetse ni nayo izajya isakaza ikawa muri iyi kipe.

Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere, RDB, ruvuga ko aya masezerano ari umwanya mwiza wo kugaragaza ibyiza by'u Rwanda, rumenyekane nk'ahantu hari ikawa imaze kwamamaza ku Isi hose.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe ibikorwa no gushakira inyungu iyi kipe, Óscar Mayo, yatangaje ko Visit Rwanda ari umufatanyabikorwa mwiza mu kwaguka kw'iyi kipe ku rwego mpuzamahanga.

Ati: "Duhora dushaka abafatanyabikorwa bafite ubushobozi ku rwego mpuzamahanga, bafite aho bahuriye n'umupira w'amaguru kandi Visit Rwanda ni urugero rw'ibyo. U Rwanda ni igihugu gihora gitera imbere kandi nizeye ko impande zombi zizabyungukiramo."

Ikipe yo muri Espgane yabaye iya kane igiranye ubufatanye n'u Rwanda nyuma ya Arsenal yo mu Bwongereza (guhera muri Gicurasi 2018) na Paris Saint-Germain yo mu Bufaransa (guhera mu Ukuboza 2019) na Bayern Munchen mu Kanama 2023.

Atlético de Madrid ni ikipe y'ubukombe muri Espagne yashinzwe muri Mata 1903.

Los Colchoneros nk'uko abakunzi bayo bayita, imaze kwegukana ibikombe bitandukanye birimo Shampiyona ya Espagne inshuro 11, Copa del Rey 10, UEFA Europa League 3, igikombe kiruta ibindi Spanish Super inshuro 2 Cups, 3 UEFA Super Cups 1 n'ibindi.

U Rwanda rukomeje kwagura urwego rw'ubukerarugendo binyuze mu bindi bikorwa bireshya abashyitsi birimo ubukerarugendo bushingiye ku nama [MICE] ndetse n'ubushingiye ku bikorwa bya siporo.

U Rwanda rusanzwe kandi rukorana n'Irushanwa rya Basketball Africa League aho amakipe 12 yitabira imikino yaryo ya nyuma yambara Visit Rwanda ku myambaro yayo.

Imvaho Nshya
Siporo



NO .E-11 TARIKI 29 Mata- 05 Gicurasi 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yatsinze Rayon Sports yegukana Igikombe cy'Amahoro

**SHEMA Ivan**

***APR FC yegukanye Igikombe cy'Amahoro cya 2025, nyuma yo gutsinda Rayon Sports ibitego 2-0 ku mukino wa nyuma wabereye kuri Stade Amahoro, ku Cyumweru tariki ya 4 Gicurasi 2025.***

Yari inshuro ya gatanu amakipe yombi ahuriye ku mukino wa nyuma w'iki gikombe kuva cyatangira gukinwa mu 1994.

APR FC ni yo yatangiye umukino isatira izamu rya Rayon Sports n'ubwo nta buryo bufatika yabonaga bwo gutsinda.

Ku munota wa 4, APR FC yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Djibril Ouattara nyuma yo kuroba Ndikuriyo Patient.

Ni nyuma yo gukura umupira mu rubuga rwe, acenga abakinnyi batatu ba Rayon Sports barimo Omar Gning amusiga hasi yicaye.

APR FC yarushaga cyane Rayon Sports yabonye uburyo bwo gutsinda igitego cya kabiri ku mupira Ruboneka yacomekeye Lamine Bah, na we awukoraho gato usanga Mugisha Gilbert mu rubuga rw'amahina, ariko umusifuzi wo ku ruhande Karangwa Justin, agaragaza ko habayeho kurarira.

Iminota 25 ya mbere yagoye Rayon Sports yatakazaga umupira buri kanya mu kibuga hagati.




**APR FC yegukanye Igikombe cy'Amahoro cya 2025, nyuma yo gutsinda Rayon Sports ibitego 2-0**

Ku munota wa 30, APR FC yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Mugisha Gilbert arobye Ndikuriyo Patient nyuma ya contre-attaque ku mupira wari uhinduwe na Ruboneka Bosco.

Ku munota wa 35, Umutoza wa Rayon Sports Rwaka Claude yakoze impinduka zihuse Souleymane Daffe asimburwa na Niyonzima Olivier 'Seif'

Mbere y'uko igice cya mbere kirangira Umusifuzi wa kane yongeyeho iminota ine y'inyongera.

Ku munota wa 45, Muhire Kevin yahannye ikosa ryakorewe kuri Bassane, umupira ukorwaho na Youssou Diagne, usanga Ishimwe Pierre uwufashe neza.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC iyoboye umukino n'ibitego 2-0.

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yatangiranye impinduka ya kabiri Rukundo Abdul Rahman asimbura Iraguha Hadji.

Ku munota wa 48, APR FC yabonye uburyo bwo gutsinda igitego cya gatatu ku mupira Denis Omedi yacomekewe mu rubuga rw'amahina, Ndikuriyo Patient arasohoka awutera hanze muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 60, Rayon Sports yabonye Coup-Franc nziza Niyigena Clement akiniye nabi Aziz Bassane inyuma y'urubuga rw'amahina hagati.

Iri kosa ryahanwe na Rukundo Abdul, umupira ukurwamo na Ishimwe Pierre mbere y'uko akinirwa nabi na Seif.

Iminota 10 ya nyuma yihariwe na Rayon Sports yashakaga kwishyura nibura igitego kimwe muri bibiri ariko ba myugariro n'umunyezamu wa APR FC bakomeza guhagarara neza.

Ku munota wa 86, APR FC yashoboraga kubona igitego cya gatatu ku ishoti rikomeye ryatewe na Denis Omedi ari mu nguni y'urubuga rw'amahina, umunyezamu Ndikuriyo Patient ashyira umupira muri koruneri itagize icyo itanga.

Umukino warangiye APR FC yatsinze Rayon Sports ibitego 2-0 yegukana igikombe cy'Amahoro cya 2025.

Ni Igikombe cy'Amahoro cya 14 cyegukanywe na APR FC yashinzwe mu 1993.

Iyi kipe yaherukaga igikombe cy'Amahoro mu 2017.

APR FC yahise ibona itike yo guhagarira u Rwanda mu mikino Nyafurika ya CAF Confederations Cup 2025/26.

*Abakinyi 11 babanje mu kibuga ku mpande zombi*

**APR FC**

Ishimwe Pierre, Byiringiro Jean Gilbert, Niyomugabo Claude (C), Niyigena Clement, Nshimiyimana Yunussu, Nshimirimana Ismael Pitchou, Ruboneka Bosco, Lamine Bah, Mugisha Gilbert, Denis Omedi na Djibril Ouattara.

**Rayon Sports**

Ndikuriyo Patient, Serumogo Ali, Bugingo Hakim, Omar Gning, Youssou Diagne, Souleymane Daffe, Ndayishimiye Richard, Muhire Kevin (C), Biramahire Abeddy, Aziz Bassane na Iraguha Hadji.